Suppression of Musinga's politico-religious powers: Rwandans considered their king as their religious leader who communicated with God (*Imana*) on their behalf through magical powers. He was for them the source of life and prosperity. Belgian colonizers forced Musinga to sign a decree proclaiming freedom of worship - hence his royal power became secular.

Suppression of traditional administrative structures: The Belgian colonizers removed the three traditional chiefs (*Umutware w'Ingabo, Umukenke n'Ubutaka*) and restructured the administration and transformed it into a system of chiefs and sub-chiefs (*Chefferies* and *sous-chefferies*).

#### **Methodology:**

- Discuss in groups documents on the Belgian administration and its impact;

- Open debate among learners (learner-centered method).

### **References:**

Byanafashe, D. & Rutayisire, P. (Eds) (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86)

Rumiya J. (1992). *Le Rwanda sous le régime du mandat belge (1916-1931)*. Paris: L'Harmattan.

### **2.5.2 Can some colonial achievements be qualified as positive?**

In principle, colonization is the domination of a powerful country over a weak one, so it cannot be good. But there are some achievements and reforms that were introduced by the colonizers, e.g. in health, education, agriculture, infrastructure etc. which improved the socio-economic conditions of Rwandans and Rwanda was also opened to the external world. But the interests of the colonizers were predominant. Many achievements were made during the trusteeship period because of the pressure of the UN.

### **Methodology:**

- Learners search for information from internet or library and present the findings to the class.
- Collecting evidence from their local communities.

### **References:**

Byanafashe, D. & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86)

Des Forges, A. (2011). *Defeat is the only bad news. Rwanda under Musinga 1896-1931*. Madison: University of Wisconsin Press

Linden, I. (1977). *Church and Revolution in Rwanda*. Manchester University Press

Nizeyimana I. (2015). *Ubumwe bw'Abanyarwandanda mu mateka yabo. Ubukoroni n'amacakubiri mu Rwanda*. Kigali, Rwanda Printery company Ltd.

Paternostre de la Mairie, B. (1972). *Le Rwanda : son effort de developpement, antécédents historiques et conquêtes de la révolution rwandaise*. Bruxelles-Kigali : De Boeck.

Reyntjens, F. (1985). *Pouvoir et droit au Rwanda. Droit public et évolution politique, 1916-1973*, Tervuren : MRAC.

### **2.5.3 How were the administrative divisions during the colonial period (Size and number) in comparison with current divisions?**

It is difficult to compare the two periods because the philosophy behind the administrative organization was different. In the colonial period, the country was divided into *territories, chefferies*



and *sous-chefferies* (chieftaincy and sub-chieftaincy). Currently (2018), we have provinces, districts, sectors, cells and villages. A *chefferie* was like a district (but a bit bigger). A *sous chefferie* was like a sector. There were 10 territories; chefferies were 45; sous chefferies were 543. Today, there are 5 provinces; 30 districts; 416 sectors; 2,148 cells; and 14,837 villages.

### **Methodology:**

- Discuss in group using the maps of the two periods to compare both periods.

### **2.5.4 Why was Mbonyumutwa beaten?**

The beating of Mbonyumutwa on 1 November, 1959 occurred during the time there was civil strife among political parties – and many other party activists had earlier on been molested. He was an activist leader of the PARMEHUTU Party and he was beaten by some UNAR supporters because he was one of those who strongly criticized the monarchy.

### **Methodology:**

- The teacher to look for documents that explain the political situation in 1959 and avail them to learners.
- Learners make discussions in groups and present what characterized the period.

### **References:**

Hubert, J.R. (1965). *La Toussaint rwandaise et sa répression*. Bruxelles :Académie royale des Sciences d’Outremer

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y’abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n’iya kabiri 1959-1990*. Kigali: Les Editions Rwandaises.

### **2.5.5 What were the consequences of the so-called 1959 Social Revolution?**

The so-called 1959 Social Revolution had many consequences in the political, social and economic aspects.

#### **Political consequences**

- A republic replaced the monarchy
- New administrative structures and actors on political and administrative levels
- Violence as means of political action
- Impunity was institutionalized.

#### **Social**

- Displacement of people
- Refugees: Rwandans fled to different countries as refugees
- Mistrust
- Deaths
- Ethnic consciousness (identity belonging)

#### **Economic**

- Destruction of property (houses, cows, etc)
- Poverty for those who lost property
- Dependence on external aid

### **Methodology:**

- The teacher looks for documents that explain the so-called 1959 social revolution and give them to learners.
- Learners make discussions in groups and point out the consequences of that so-called social revolution.

### **References:**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86).

Uvin, P. (1999). *L'aide complice ? Coopération internationale et violence au Rwanda*. Paris : L'Harmattan.

Reyntjens, F. (1985). *Pouvoir et droit au Rwanda. Droit public et évolution politique, 1916-1973*, Tervuren : MRAC.

Lemarchand, R. (1970). *Rwanda and Burundi*. London: Pall Mall.

### ***2.5.6. Was Habyarimana's death a root cause of the Genocide against the Tutsi?***

Habyarimana's death was not a root cause of the Genocide against the Tutsi because even long before he died, mass killings had already started in places like Kibirira (1991), Bigogwe (1991), Murambi (1991), Bugesera (1992), Kibuye (1993), etc. His death was just a spark as the genocide against the Tutsi had been planned earlier on.

### **References:**

African Rights. (1995). *Rwanda: Death, Despair and Defiance*. London: African Rights

Bizimana, J.D. (2014). *Inzira ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali

Dupaquier, J.F. (2010). *L'agenda du génocide. Le témoignage de Richard Mugenzi, ex-espion rwandais*. Paris : Karthala

Morel, J. (2011). *La France au cœur du Génocide des Tutsi*. Esprit Frappeur

Kimonyo, J.P. (2015). *Rwanda's Popular Genocide : A Perfect Storm*. Colorado: Lynne Rienner Publishers.

The Mutsinzi Report. (2010). *Report of the investigation into the causes and circumstances of and Responsibility for the attack of 06/04/1994 against the Falcon 50 Rwandan Presidential Aeroplane, Registration Number 9XR-NN*. Kigali

## 2.6 ORDINARY LEVEL SENIOR THREE (S3) HISTORY AND CITIZENSHIP

### 2.6.1 Who are the Abakiga or Abanyenduga? What was the evolution of these terms?

In historical and geographical background, Rukiga means mountainous areas while Nduga is a historical region located in the current Muhanga and Ruhango Districts.

These terms were used in the first and mostly in the first republic and were based on an ideology of ethnicity and regionalism. According to this ideology, the Bakiga come from the northern part of the country (former Gisenyi and Ruhengeri prefectures) and those who come from the rest of other parts of the country were called Abanyenduga.

#### Methodology:

- Resource persons to be speakers at school
- Debates

### 2.6.2 *Isn't there any positive impact of genocide?*

#### Guidance:

There is no positive impact of genocide because it aims at killing people and there is nothing more important than human life.

## 2.7 ADVANCED LEVEL SENIOR FOUR (S4) HISTORY

### 2.7.1 *How do Belgian reforms impact on Rwandan culture today?*

The Belgian introduced reforms in different sectors of Rwandan society. Some of those reforms resulted in the loss of many elements of Rwandan culture such as *itorero*, *umuganura* and *Ubwiru*. The teacher will highlight that reforms put the end to traditional Rwanda and introduced modern Rwanda by prohibiting many practices of traditional Rwanda. However, there is an effort to restore some traditional practices in a modern way in order to sort out current problems (*itorero*, *gacaca*, *umuganda*, *ubudehe*).

#### Methodology:

- Ask learners to search in textbooks and discuss in groups, then make presentations thereafter.

#### References:

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (Eds) (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20th Century*. Butare: NUR-NURC.

Nizeyimana, I. (2015). *Ubumwe bw'Abanyarwanda mu mateka yabo: ubukoroni n'amacakubiri*. Rwanda Printery Company Ltd.

### **2.7.2 What were the consequences of *Belgian reforms on Rwandan social cohesion?***

All categories of Rwandans were eligible to being appointed as chiefs or leaders. Appointing one a leader was not based on his social category. It depended on one's ability and influence. During the Belgian reforms, those who were made chiefs came from famous Tutsi families. Hutu, Twa and Tutsi from less well to do families were put aside. This continued up to 1959 and had consequences on the social cohesion of Rwandans as Belgians used one section of the society (the Tutsi) to help in their administration. This characterized the Belgian rule, the first and second Republics.

#### **Methodology:**

- The teacher asks learners to search in textbooks and discuss in groups then after they will do presentations.
- The teacher summarizes the key points.

#### **References:**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). History of Rwanda from the beginning to the end of 20th Century, NUR-NURC.

Kagame, A., Un abrégé de l'histoire du Rwanda, Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1972-1975.

Vansina, J. (2004). *Antecedents to modern Rwanda: The Nyiginya Kingdom*. Madison: University of Wisconsin Press.

Sebasoni, M., S. (2000). *Les origines du Rwanda*. Paris, Montréal: L'Harmattan.

### **2.7.3 Was the colonization of Rwanda necessary?**

The colonization of Rwanda was not necessary, as Rwandans were able to govern themselves and solve their own social, political, and economic problems. There are countries that were never colonized but have developed. The main reasons for colonization were related to the interests of colonizers, rather than those of colonized countries.

## **2.7. Was 1959 a crisis or a revolution?**

#### **Guidance:**

The teacher is advised to explain to learners the so-called revolution in the following way:

### **The 1959-1962 changes**

The 1959-1962 events evoke memories that are still vivid in the minds of many Rwandans - and it is not unanimously agreed upon. For some, these times are mentioned with pride because they were a

source of 'liberation for the Hutu who had been exploited by the Tutsi for centuries'. That is why this event was given the name '*Social revolution of 1959*'. This was the view held by leaders of the First and Second Republics, and indeed, it was endorsed in many writings.

From another point of view, these events were characterized by suffering, injustice, homelessness, discrimination, racist policies and killings. For the latter, it had nothing to do with the 'social revolution' mentioned above leading to improved governance and living conditions. These radically different views exist even today. They still characterize the scientific literature, political speeches and even conversations among ordinary citizens.

Experienced researchers equally share these opposing views. Besides these debates, there are still unanswered questions: 'Who did what and for what reasons? What were the strategies used? Who were the victims? Who benefited? And so forth.

Even though research is still going on, what is known is that this event did not benefit all the people of Rwanda in general.

#### **Methodology:**

- With the help of teacher, learners read books and contribute ideas on the above questions.
- Group discussions and presentations.

#### **References:**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*, NUR-NURC, p. 383.

Chretien J.P. (2000). *L'Afrique des Grands Lacs. Deux mille ans d'histoire*. Paris : Aubier.

Vidal C. (1991). *Sociologie des passions*. Paris: Karthala.

#### ***2.7.5 Was independence obtained through an armed struggle or was it granted?***

There was no armed struggle for independence. Even though political parties were formed in Rwanda, these parties were divided on when to get independence. Some wanted immediate independence while others did not.

#### ***2.7.6 Why are some genocides recognized by the UN while others are not?***

The teacher explains to learners the three Genocides recognized by the UN, i.e the Holocaust (1933-1945), Bosnian Genocide (1995), and the Genocide against the Tutsi (1994). The decision to recognize a given genocide is made by the UN Security Council in reference to the UN's International Convention of 1948 on genocide. A country has a right to recognize mass killings as genocide even if not yet recognized by the UN as such.

### **Methodology:**

- Group discussions and presentations.

### **References:**

Gasanabo, J.D; Simon, J.D & Ensign, M.M (Eds.). (2015). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

National Commission for the Fight against Genocide. (2014). *Rwanda 1994-2012: 18 years after the Genocide perpetrated against Tutsi. Testimonies and Reflections*. Kigali

## **2.8 ADVANCED LEVEL SENIOR FIVE (S5) HISTORY**

### ***2.8.1 Did Belgians play any role in the achievements and failures of the 1st Republic?***

Belgium played a role in the achievements and failures of the First Republic as Belgians were in different organs of policy making and implementation of governmental programs as actors or advisors (technicians, experts, advisors, military advisors, etc).

### **References:**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC.

Kagame, A. (1972-1975). *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*. Butare: Éditions Universitaires du Rwanda.

Lefèvre, P. (2006). *Les militaires belges et le Rwanda: 1916-2006*. Bruxelles: Racines

Uvin, P. (1999). *L'aide complice ? Coopération internationale et violence au Rwanda*. Paris : L'Harmattan.

### ***2.8.2 Why call it 'Genocide against the Tutsi' when the Hutu also died?***

It is called Genocide against the Tutsi because the Tutsi were the target group. The teacher may also explain better by referring to the definition of genocide.

### ***2.8.3 Why has the term for genocide been changing in Rwanda?***

Explain to learners that the word genocide was new in the Rwandan context so it was not easy to find the right name that corresponds to the killings that took place. It was first referred to as *Itsembabwoko n'Itsembatsemba*; the 'Rwandan genocide', to the 'Genocide perpetrated against the Tutsi'. Researches done proved beyond doubt the appropriate name for this genocide.

#### **2.8.4 Was Habyarimana's death a root cause of the Genocide against the Tutsi?**

See 2.5.6

#### **2.8.5 What are the channels used for genocide denial and negationism?**

The channels for genocide denial and negationism are the media, conversations, reports by some NGOs and international agencies, publications, books, conferences and public speeches.

#### **References:**

*Law N° 84/2013 of 11/09/2013 on the Crime of Genocide Ideology and Other Related Offences*, pp. 32-44. Available at [http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HLaws/Law\\_RFMA.pdf](http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HLaws/Law_RFMA.pdf)

Bizimana, J.D. (2004). *Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali: Imprimu Ltd.

Gasanabo, J.D; Simon, D. J & Ensign, M.M (Eds.). (2014). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

Hinton, A.L. & O'Neill K.L. (2009). *Genocide: Truth, Memory, and Representation*, Durhan and London: Duke University Press.

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n'iya kabiri 1959-1990*. Kigali: Les Editions Rwandaises.

Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*, Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

### **2.9 ADVANCED LEVEL SENIOR SIX (S6) HISTORY**

#### **2.9.1 Were the Tutsi the only Rwandan people in exile?**

The teacher will explain to learners that there was a misconception that all people in exile were only Tutsi. There were many different categories of Rwandans who were in exile for different reasons.

#### **References:**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. NUR-NURC, 2011.

Kagame, A. (1972-1975). *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*. Butare : Éditions universitaires du Rwanda.

Kanyamachumbi, P. (1995). *Société, culture et pouvoir politique en Afrique interlacustre. Hutu et Tutsi de l'ancien Rwanda*. Kinshasa: Select

### **2.9.2 Was the Liberation War a cause of the Genocide against the Tutsi?**

Not all the wars lead to genocide, but the war can be an excuse to commit genocide. For the case of Rwanda, the Liberation war of 1990-1994 could not have been a cause of the Genocide against the Tutsi because the Tutsi were always killed even when there was no war.

#### **References:**

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n'iya kabiri 1959-1990*,

Kigali : Les Editions Rwandaises

Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*. Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

Ternon, Y. (2007). *Guerres et Génocide au XXe Siècle: Architecture de la violence de masse*, Paris, Odile Jacob

Straus, S. (2006). *The Order of Genocide: Race, Power and War in Rwanda*. New York: Cornell University Press

### **2.9.3 What is the exact date of the starting of the genocide in 1994? Some say 6 April, while others say 7 April, 1994. What is the exact date of the end of the genocide?**

On April 6, 1994, the presidential jet crashed killing the presidents of Rwanda and Burundi who were on board. Immediately, roadblocks were erected in some parts of the country and some people were killed, especially in Kigali City. The Genocide against the Tutsi is taken to have commenced on 7<sup>th</sup> April 1994 (the starting date for commemoration).

Concerning the end of the Genocide against the Tutsi, the official date is 4 July 1994; but the teacher should bear in mind of 31 December 1994 as the date stipulated in Organic Law No 10/2007 of 01/03/2007 modifying and complementing the Organic Law n°16/2004 of 19/6/2004 establishing the organization, competence and functioning of the Gacaca Courts charged with prosecuting and trying the perpetrators of the crime of genocide and other crimes against humanity, committed between October 1, 1990 and December 31, 1994 as modified and complemented to date.

#### **References:**

Organic Law No 10/2007 of 01/03/2007

[http://primature.gov.rw/fileadmin/user\\_upload/documents/Official%20Gazettes/2007%20Offici](http://primature.gov.rw/fileadmin/user_upload/documents/Official%20Gazettes/2007%20Offici)

[a](#)

[l%20Gazettes/Official Gazette no 05 of 01.03.2007.pdf](#)

Bizimana, J.D. (2014). *Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali: Imprimu Ltd.



- Byanafashe, D. & P. Rutayisire (Eds). (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC.
- Gasano, J.D; D. J. Simon & M. M. Ensign (Eds.). (2014). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.
- Hinton, A.L. & O'Neill K.L. (2009). *Genocide: Truth, Memory, and Representation*, Durhan and London: Duke University Press.
- Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri 1959-1990*, Kigali: Les Editions Rwandaises.
- Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*. Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

## LIST OF PARTICIPANTS

NO	NAME	INSTITUTION	TITLE/POSITION
1	Mr. Bamusananire Emmanuel	REB	Education Research and development Officer/Historian
2	Ms. Baranyizigiye Jeanne d'arc	REB	History Curriculum Officer/Historian
3	Mr. Gasinzigwa Gatara Peter	REB	Director of Arts and Humanities Unit/Historian
4	Ms. Mbabazi Annet Mugoboka	REB	History Examination Officer/Historian
5	Mr. Nkurunziza Mathew	REB	Editor and translation Officer
6	Mr. Rubanda Jean Francois	REB	Kinyarwanda Examination Officer
7	Dr. Gasanabo J. Damascene	CNLG	DG/Documentary and Research
8	Mr. Nizeyimana Innocent	Aegis Trust	Peace education facilitator
9	Dr. Buhigiro Jean Leonard	UR/Rukara	History lecturer
10	Professor Paul Rutayisire	UR/Huye	Professor/History lecturer
11	Mr. Rwandekwe Gilbert	UNIK	History lecturer

12	Dr. Gakwenzire Philbert	UNIK	History lecturer
13	Mr. Rudasingwa Faustin	College St. Andre	History teacher
14	Mr. Tumwesigye Allans	Gabiro High School	History teacher
15	Mr. Ndagijimana Prosper	TTC Byumba	History tutor
16	Mr. Kamuzinzi Johnson	Kigali Junior Academy	Headmaster/Social Studies

## PART B: KINYARWANDA VERSION

### IMYIGISHIRIZE Y'AMATEKA Y'U RWANDA MU MASHURI

#### 1.0 Intangiriro

Buri gihugu kigira uko giha agaciro isomo ry'amateka mu nteganyanyigisho zacyo. Amateka ni ryo somo rigaragaza neza itandukaniro n'ubwuzuzanye hagati y'abantu. Ariko ikigaragara ni uko abarimu bigisha amateka bahura n'imbogamizi zitandukanye mu gihe bigisha amateka y'u Rwanda; ibyo bikagira ingaruka ku banyeshuri. Iyi nyandiko iragerageza gusubiza bimwe mu bibazo abarimu bahura na byo mu gihe bigisha amateka y'u Rwanda.

#### 1.1 Igisobanuro cy'Amateka

Amateka ni imyigire y'imihindagurikire n'iterambere ry'abantu mu bihe n'ahantu bitandukanye Mu kwibaza ibibazo no kumenya ibyahise, amateka afasha kumva no kumenya ibikorwa bya muntu mu gihe cyashize, uko bigira ingaruka ku biriho ubu ndetse no ku bizaza.

## 1.2 Intego yo kwiga no kwigisha amateka

Amateka yiga ibikorwa bya muntu, akagira uburyo bwihariye akorwaho ubushakashatsi n’uko yandikwa. Abiga amateka basesengura isoko yayo n’ibimenyetso by’ibyabaye. Abanyeshuri basesengura kandi bakagerageza kumva ibitekerezo n’imyumvire bitandukanye, bagaragaza impamvu yabyo. Mu yandi magambo, isomo ry’amateka rituma abanyeshuri basobanukirwa imiterere ya poritiki, umuco n’imibereho by’igihugu cyabo ndetse n’inshingano zibategereje. Nanone rituma bagira ubushobozi bwo guhuza ibyahise n’ibiriho no guhitamo uko babaho n’uko bazabaho mu gihe kizaza. Amateka ni rimwe mu masomo yigisha ibiranga abenegihugu n’ibikorwa bya muntu muri rusange.

## 1.3 Ubushobozi umunyeshuri yitezweho

Umunyeshuri wiga amateka akwiriye kugaragaza ubushobozi bukurikira:

- *Kumenya gushakashaka:* Umunyeshuri azaba ashobora gushaka amakuru n’ibimenyetso ku mateka.
- *Kumenya inyito zikoreshwa mu mateka:* Umunyeshuri azaba ashobora gusuzuma no gukoresha *inyito zikoreshwa* mu mateka kugira ngo abashe gusesengura impinduka zigenda ziba.
- *Gutara ubumenyi no kubageza ku bandi:* Umunyeshuri azaba ashobora gushaka amakuru ku mateka no kuyageza ku bandi.
- *Kumenya umurage:* Umunyeshuri azaba ashobora gusesengura ibirebana n’umurage w’ibihe byahise.
- *Gukoresha ikoranabuhanga:* Umunyeshuri azaba ashobora gukoresha ikoranabuhanga kugira ngo amenye amakuru akeneye n’aho aherereye, kuyashungura, kuyasesengura no kuyageza ku bandi.

## 1.4 Inzitizi abiga n’abigisha amateka y’u Rwanda bahura na zo

### Imitwe ivuga ku mateka y’u Rwanda mu nteganyanyigisho

N0	UMWAKA	UMUTWE	IKIGWA
1	P4 SST&RE*	10	U Rwanda rwo hambere
2	P5 SST&RE	10	U Rwanda mu gihe cy’ubukoroni
3	P6 SST&RE	11	U Rwanda nyuma y’ubukoroni
4	P6 SST&RE	12	Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994
5	S1 H&C**	3	Inkomoko, imitegekere n’imyagukire y’u Rwanda

6	S1 H&C	4	Imibereho y'Abanyarwanda mbere y'umwaduko w'Abazungu
7	S1 H&C	5	Jenoside n'ibiyiranga
8	S2 H&C	2	Ubukoroni bw'Abadage n'ubw'Ababirigi
9	S2 H&C	3	Icyateye Jenoside yakorewe Abatutsi n'uburyo yakozwe
10	S3 H&C	1	U Rwanda rwigenga
11	S3 H&C	2	Ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994
12	S4 History	1	Amateka y'u Rwanda
13	S4 History	2	Kugereranya za jenoside
14	S5 History	1	U Rwanda mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri
15	S5 History	2	Ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi, ipfobya ryayo n'ingengabitekerezo yayo mu Rwanda no mu mahanga
16	S6 History	1	U Rwanda nyuma y'ubukoroni
17	S6 History	2	Gukumira jenoside
18	S6 GSCS***	1	Jenoside

*\*SST&RE: Social Studies and Religious Education*

*\*\*H&C: History and Citizenship*

*\*\*\*GSCS: General Studies and Communication Skills*

Hari impungenge ko hari ingingo z'amateka y'u Rwanda cyanecyane iziyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi zitigishwa neza kubera zimwe mu mpamvu zikurikira:

- Imiterere y'ibigomba kwigishwa ;
- Kuba umwarimu atemera ibigomba kwigishwa ;
- Ubumenyi buke ku bigomba kwigishwa ;
- Kuba umwarimu atamenyereye kwigisha amasomo agoranye;
- Kuba hari abarimu bigisha amateka batarayize.

Mu kwigisha amateka y'u Rwanda cyanecyane arebana na jenoside, akenshi abarimu n'abanyeshuri bagaragaza ubwoba, kwifata, guterera iyo no kutabiha agaciro. Kwigisha amateka bifasha abanyeshuri kumva inshingano zabo nk'abenegihugu. Amateka akwiye kwigishwa ku buryo bufasha urubyiruko kwiyumvamo ubushobozi bwo kuzana impinduka zigamije amahoro mu muryango nyarwanda na guteza imbere igihugu.

Iyi nyandiko yereka abarimu b'amateka uko bakemura bene ibyo bibazo. Irerekana uburyo bwo kwigisha amateka y'u Rwanda. Ikongera ikagaragaza bimwe mu bibazo abanyeshuri n'abarimu bakunda kwibaza, ikanatanga uburyo bwo kubisubiza. Yerekana kandi uburyo bwakoreshwa mu kwigisha ayo masomo n'inyandiko zakwifashishwa. Inama zigirwa umwarimu muri iyi nyandiko ntabwo ari ihame. Ariko zamufasha mu gihe ahuye na bene ibyo bibazo mu ishuri.

## **1.5 Inama zigirwa umwarimu**

Amateka y'u Rwanda, by'umwihariko ibihe by'icuraburindi bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, agomba gusobanurirwa neza abanyeshuri, kugira ngo batazagwa mu mutego wo kutamenya ukuri ku byabaye, guhakana no gupfobya jenoside. Birakwiriye ko uruburiko rwigishwa amateka y'u Rwanda kugira ngo rusobanukirwe uko ubutegetsu butandukanye bwagiye buca Abanyarwanda mu ibice kugeza ubwo bwageze ku mugambi wo gukorera Jenoside Abatutsi.

### **1.5.1 Uburyo bwo kwigisha amateka**

Uburyo abarimu bakoresha bigisha ni ingenzi cyane mu kuzana impinduka. Iyo umwarimu akoresheje uburyo bukangurira abanyeshuri gutekereza no gusesengura amakuru, bishobora kwimakaza umuco wa demokarasi n'amahoro.

### **1.5.2 Uruhare rw'umwarimu**

Umwarimu afite uruhare rukomeye mu kwigisha amateka y'u Rwanda, by'umwihariko ayerekeranye na Jenoside yakorewe Abatutsi. Mu gihe umwarimu yigisha amateka, afasha abanyeshuri kugira ubushobozi bwo gusesengura no gutekereza byimbitse kandi akabatoza indangagaciro. Ibyigishwa mu mateka y'u Rwanda bimufasha gusobanura uko ibintu byagenze no kugaragaza isano bifatanye. Abarimu bakwiye kugira ubumenyi buhagije kugira ngo bashobore kwigisha neza iryo somo, bityo batahure ibyo abanyeshuri bafata uko bitari. Ubumenyi buke bushobora gutuma abarimu bigisha badasobanura bihagije, bakabuza abanyeshuri gutanga ibitekerezo. Ingaruka yabyo ni uko abanyeshuri bananirwa gukoresha ubumenyi bakura mu mateka mu guteza imbere ubushobozi bwabo bwo gutekereza, gushyikirana n'abandi no kurangwa n'indangagaciro. icyakora, ubumenyi n'imyigishirize myiza bishobora gufasha umwarimu w'amateka guhuza ibyo abanyeshuri bize n'ibyo babamo.

Umwarimu w'amateka agomba kumenya uburyo abahanga mu by'amateka bakoresha basesengura ibivugwa n'icyo bisobanura. Abarimu ntibakagombye kugarukira gusa ku byo abanyeshuri bibaza, ahubwo bagomba no kubafasha kugira ubumenyi bwo gushakisha amakuru afite ishingiro.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uburyo amateka y'u Rwanda yigishwamo bukwiye kwitabwaho by'umwihariko. Imyigishirize y'amateka ntigarukira mu ishuri gusa, kuko n'abantu basanzwe bafite uburyo bwabo bayumvamo kandi hari na gahunda zibanda ku mateka mu nzego z'ibanze no ku rwego rw'igihugu. Umunyeshuri afite uburyo bwinshi abonamo amakuru, haba mu muryango, kuri murandasi cyangwa mu nyandiko zitandukanye. Ku mateka y'u Rwanda haboneka amakuru menshi avuguruzanya. Kuba abandika baba bagira ngo ibitekerezo byabo ari byo byumvikana bitera urujijo mu banyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu w'amateka agomba kumenya neza imiterere y'aho akorera n'amakuru abo yigisha bafite kugira ngo abihereho mu gihe yigisha.

Umwarimu w'amateka akwiye kwita ku mibereho n'umuco by'abanyeshuri yigisha, akanamenya ibyanditswe ku birebana n'ibyo uruburiko rutekereza ku mateka y'igihugu cyabo. Abarimu b'amateka rero bagomba kugendana n'igihe kugira ngo badakoresha amahame ashaje cyangwa amakuru atari yo. Ibyo bibasaba guhora basoma ibinyamakuru n'ibitabo, ndetse no kwitabira ibiganiro ku mateka y'u Rwanda, nk'ibitangwa gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Kwitabira amahugurwa bizafasha abarimu kongera ubushobozi n'uburyo bunoze bwo kwigisha amateka. Ariko kandi ubushake bwa buri mwarimu ni ngombwa mu kongera ubumenyi n'ubushobozi, binyuze mu kwifashisha amasomero no guhanahana amakuru. Imikorere myiza ifasha umwarimu w'amateka kumenya uko abarimu bagenzi be bakemura ibibazo bahura na byo mu kazi kabo. Abarimu kandi bashobora gufatanya n'imiryango nyarwanda cyangwa mpuzamahanga ifite ubunararibonye mu kwigisha amateka y'u Rwanda.

### 1.5.3 Uburyo bw'imyigishirize

Zimwe mu ngingo z'amateka y'u Rwanda ntizivugwaho rumwe. Abashakashatsi bamwe babona izo mpaka ziterwa no kutumvikana mu bitekerezo hagati y'abantu, amatsinda y'abantu cyangwa ibihugu. Iyo buri ruhande rushaka gutsimbarara ku bitekerezo byarwo, ukemura izo mpaka agomba kwitonda kugira ngo hatabaho kubogama, guteza uburakari kuri bamwe cyangwa kubyutsa amarangamutima y'abandi. Nyamara kwigisha ibitekerezo bitandukanye bifasha abanyeshuri kongera ubumenyi no gutekereza byimbitse. Kujya impaka kuri ibyo bibazo, bituma abanyeshuri bitoza gutege abandi amatwi, gushaka ibimenyetso bishyigikira ibitekerezo byabo bigatuma boroherana. Ni yo mpamvu, imyigishirize idashyamiranya abanyeshuri ikenewe kugira ngo hirindwe amacakubiri mu ishuri.

Abarimu bagomba kumenya ko ibimenyetso by'amateka bishobora gukemura impaka nk'uko bishobora no kuzamura impaka nshya. Gukoresha ibimenyetso bizafasha abanyeshuri kongera ubushishozi mu gusesengura no gusuzuma aho ukuri guherereye. Abanyeshuri bagomba gukoresha ibibazo bibafasha gusesengura inkomoko y'amakuru ku mateka kugira ngo bamenye ibyo abandi bavuga kuri ayo makuru. Amakuru ashobora kuva mu mashusho, mu murage nyemvugo no mu byanditswe.

Bumwe mu buryo bwo kwigisha amateka ni ugukoresha ikoranabuhanga, amashusho, ubugeni, ibarankuru, gusura ingoro ndangamurage n'inzibutso za jenocide, gutege amatwi abatangabuhamya, gusangira ubumenyi, gukorera mu matsinda, kuganira no gusesengura ibitekerezo n'ibindi. Muri ubu buryo bwose bwo kwigisha amateka, nta buruta ubundi. Umwarimu ni we uhitamo uburyo yakoresha ashingiye ku mutwe w'isomo n'ubumenyi ashaka gutanga.

Gushaka amakuru kuri murandasi bikwiye kwitonderwa. Abanyeshuri bagomba kumva ko murandasi ari uburyo bwo gutanga no gushaka amakuru bufunguye kuri buri wese, kandi bukoreshwa n'abantu bafite imitekerereze itandukanye. Kubera ko amakuru ayishyirwaho bitewe n'impamvu zinyuranye, umwarimu agomba gufasha abanyeshuri kumva impamvu amakuru atandukanye. Umwanditsi **Taylor na bagenzi be (2003)** batanze ibibazo umuntu yakwibaza mu gusesengura amakuru aturuka kuri murandasi. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira:

- Aya makuru yaturutse he?
- Aya makuru agamije iki ?
- Kuki yashyizwe kuri murandasi?
- Uwayashyizeho yari agamije kunezeza abantu cyangwa yashakaga kubacengezamo ibitekerezo bye?
- Ese hari aho aya makuru abogamiye ?
- Ese hari ibyakuwemo nkana ?
- Wagerereranya ute aya makuru n'andi aboneka ?

Iyi mfashanyigisho yiyongera ku bindi bitabo bitangwa n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, izafasha umwarimu kumva no gusobanura bimwe mu bibazo abanyeshuri bakunda kwibaza mu isomo ry'amateka. Izamufasha kandi kubona uburyo butandukanye yakoresha yigisha amateka ndetse n'inyandiko zinyuranye yakwifashisha.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Taylor, I. et al. (2003). *Making history: A guide for the teaching and learning in Australian schools*. Australian Government, Department of Training

Vansina, J. (1961). *“De la tradition orale: essai de méthode historique.”* Bruxelles: MRAC

Tawil, S. & Harley, A. (2004). *Education, Conflict and Social Cohesion*, Geneva : BIE

Haydn, T. Arthur, J., & Hunt, M. (2001). *Learning to teach in the secondary school. A comparison to school experience*. London, New York : Routledge

Davies, I. (Ed). (2011). *Debates in history teaching*. London : Routledge

Philips, I. (2008). *Teaching history. Developing as a reflective secondary teacher*. Los Angeles : Sage

## **2. IBIBAZO BYIBAZWA MU MASHURI ABANZA**

### **2.1 Umwaka wa kane (4) w'amashuri abanza: Isomo ry'Imbonezamubano n'Iyobokamana**

#### **2.1.1 Ubukoroni ni iki?**

Mu gitabo *Social Studies and Religious Education for Rwanda Primary Schools*, Primary Learner's Book 4, East African Educational Publishers, p. 182, igisobanuro cy'ubukoroni nticyumvikana neza. Kivuga ko ari Abazungu baje kwigarurira ubutaka. Nyamara ntibashyizemo ibyo kwigarurira ubutegetsi. Umwarimu w'amateka yagaruka kuri iyi ngingo ku buryo bukurikira: ubukoroni ni umurongo wa poritiki n'ibikorwa by'igihugu gikomeye bigamije kwigarurira ibihugu birusha imbaraga mu rwego rw'ubukungu, umuco na poritiki.


### **Inyandiko zakwifashishwa**

Stam, R. & Spence, L. (1983). Colonialism, racism and representation: An introduction. In Screen, Volume 24, Issue 2 of March 1, 1983, Pages 2–20. Available at [https://s3.amazonaws.com/academia.edu.documents/37477830/racism\\_and\\_colonialism.pdf?AWS](https://s3.amazonaws.com/academia.edu.documents/37477830/racism_and_colonialism.pdf?AWS)

[AccessKeyId=AKIAIWOWYYGZ2Y53UL3A&Expires=1526455260&Signature=qdAjmi5P0hIJHtXFMbIMaxj%2BaxY%3D&response-content-disposition=inline%3B%20filename%3DColonialism\\_Racism\\_and\\_Representation.pdf.](https://www.researchgate.net/publication/334222222/figure/fig/1/figure-pdf/334222222/Colonialism-Racism-and-Representation.pdf)

### 2.1.2 Ese inzego z’ubutegetsi n’iz’imibanire mu Rwanda rwa mbere y’ubukoroni zagarukiraga ku giti? (Social Studies and Religious Education, Pupil’s Book 4, Page 184)

U Rwanda rwarimo inzego zikurikirana muri ubu buryo uhereye ku rwo hasi: urugo, inzu, umurenge, ibikingi, ibiti n’igihugu.



### Uburyo bwakwifashishwa mu kwigisha

Umwarimu aha abanyeshuri inyandiko ngufi ivuga ku nzego z’ubutegetsi n’iz’imibanire mu Rwanda rwa mbere y’ubukoroni, akabasaba kubiganiraho mu matsinda, hanyuma bakageza kuri bagenzi babo ibyo bumvikanyeho.

### Inyandiko zakwifashishwa

Kagame A. (1954). *Les organisations socio familiales de l’ancien Rwanda*. Bruxelles, ARSOM.

Kagame, A. (1952). *Le Code des institutions politiques du Rwanda précolonial*. Bruxelles: IRCB

### 2.1.3 Kuki Ababirigi basimbuye Abadage?

Igitabo cy’umunyeshuri (Social Studies and Religious Education, Pupil’s Book 4, Page 182) ntigisobanura impamvu Ababirigi basimbuye Abadage mu Rwanda.



Ababirigi basimbuye Abadage batsinzwe mu ntambara ya mbere y'isi.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Ibiganiro mu matsinda
- Kugeza ku bandi ibyavuye mu matsinda no kubiganiraho
- Ibisobanuro by'umwarimu

#### **2.1.4 Amagambo “ubuhake, ubukonde, uburetwa asobanura iki?”**

##### ***Ubuhake***

Ubuhake bwari uburyo bw'imibereho, ubukungu na poritiki mu Rwanda rwa mbere y'ubukoronu *Ubuhake* yari amasezerano ku bushake hagati y'umutunzi w'inka n'undi muntu washakaga gutunga inka. Utunze inka yitwaga shebujja, naho uwashakaga inka akitwa umugaragu. Uretse kuba ubuhake bwatumaga umugaragu abona inka, byatumaga yumva afite umutekano w'ibye n'abe. Ubuhake bwari bushingiye ku bucuti bwagaragazwaga n'ubwumvikane, ubufatanye no gukorera hamwe mu bihe byiza n'ibibi.

Abagaragu bari mu byiciro bitandukanye bitewe n'imirimo bakoraga. Hari nk' abagombaga guherekeza shebujja, abagombaga gusana inkike, abagombaga kwita ku nka .... Buri rwego rwari rufite inshingazo zarwo.

Umugaragu yashakirwaga ubuhake n'undi muntu wamugezaga kuri shebujja. Akenshi, uwo wamujyanaga yabaga asanzwe ari umugaragu w'uwo shebujja. Ariko hari n'igihe umuntu yashoboraga kwishakira ubuhake. Abana basabirwaga ubuhake n'ababyeyi babo ndetse bakanabamenyereza igihe babaga bahawe imirimo yihariye kwa shebujja. Boherezwaga ari ingimbi bakagaruka iwabo bageze igihe cyo gushaka.

##### ***Uburetwa***

Uburetwa yari imirimo abaturage bagombaga gukorera abatware ba kera. Aho buri muturage yakoraga nibura imibizi ibiri mu cyumweru.

Mu gihe cy'ubukoronu, uburetwa bwahinduye isura, kuko buri mugabo wese muzima kandi ukuze yagombaga kwitabira imirimo y'uburetwa, mu gihe mbere y'ubukoronu, uburetwa bwakorwaga ku rwego rw'umuryango.

##### ***Ubukonde***

Mbere y'uko abazungu baza mu Rwanda, hari uburyo bubiri bwo kuyobora bushingiye ku butaka ari bwo *ubukonde* n'*isambu*.

Ubukonde bwari uburyo bw'imibereho bushingiye ku butaka rusange bwabonekaga mu bice by'amajyaruguru n'amajyaruguru y'uburengerazuba, ahagereye imisozi ya Kongo Nili. Muri ubu buryo, umukonde, ni ukuvuga uwageze ahantu mbere agakonda (gutema ishyamba bwa mbere) abaje nyuma bamukoreraga imirimo akabagenera aho bahinga. Aba ni bo bitwaga abagererwa. Bagombaga guha umukonde (ituro) umusaruro we wa mbere (amasaka, ibishyimbo, amashaza, uburo hamwe n'intango y'inzoga). Abakonde babaga bafitanye ubumwe n'ubufatanye n'abagererwa babo.

Mu bindi bice bisigaye by'igihugu, habagaho isambu y'umuryango. Isambu y'umuryango ntabwo bayicagamo ibice, ahubwo buri munyamuryango yari afite uburenganzira bwo kuyihingamo.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Gusaba abanyeshuri gushaka amakuru iwabo bakayasangiza abandi
- Ibisobanuro by'umarimu

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Kagame, A. (1952). *Le code des institutions du Rwanda précolonial*. Bruxelles: ARSOM, p.18.

Kagame, A. (1954). *Les organisations familiales de l'ancien Rwanda*, Bruxelles : IRCB.

Hitabatuma, I. (1982). *L'évolution historique de l'Ubukonde au Rwanda : L'exemple de Nyantango*, Ruhengeri : UNR, pp.73-74.

Resource persons.

### **2.1.5 Imibanire n'umuco mu rwego rw'ubufatanye n'ubumwe Ikibazo ni ikihe ?**

Reba igice kirebana n'amoko, imibereho na poritiki mu Rwanda rwa mbere y'ubukoronni (imitwe y'inka n'imitwe y'ingabo).

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Gushaka amakuru mu muryango
- Ibisobanuro by'umarimu

## **2.2 UMWAKA WA GATANU W'AMASHURI ABANZA: Imbonezamubano n'Iyobokamana**

Ibibazo byinshi bibazwa mu mwaka wa gatanu byibandana ku butegetsi bw'Ababirigi, ibibazo by'amoko n'imibanire y'Abanyarwanda ishingiyeye ku buhake, ubukonde n'ubugererwa. Amakuru amwe y'inyongera ajyanye n'inzego z'imibereho n'ubukungu mu Rwanda rwa mbere y'ubukoronni aboneka mu mwaka wa kane.

**2.2.1 Imitegekere y'Ababirigi yari iteye ite?** (Social Studies and Religious Education, Pearson Publishers, Pupil's Book, Page 90)

Mu rwego rw'amategeko, Ababirigi bagombaga gutegeka u Rwanda ku buryo buziguye nk'uko babisabwaga n'Umuryango w'Ibihugu bikomeye ku isi. Kubera ko bari bake, bagombaga gufatanya n'Abanyarwanda kuyobora. Bazubahiriza inzego basanzeho nk'uko Abadage babigenzaga.

Bahisemo kwitegekera, ariko kubera ko bari bake, bifashishije bamwe mu banyarwanda abandi barahanzwe. Uku gutonesha bamwe abandi bakigizwayo byaje kugira ingaruka mbi mu mibanire y'abanyarwanda mu bihe bya nyuma by'ubukoroni.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Buri munyeshuri yakwikorera ubushakashatsi
- Umwarimu ashobora gushaka nibura inyandiko ebyiri zivuga ku mavugurura yakozwe n'Ababirigi mu Rwanda n'izindi ebyiri zivuga ku mikoranire y'Ababirigi n'abatware b'icyo gihe. Bahereye kuri izo nyandiko, abanyeshuri bashobora kugaragaza ibiranga ubutegetsi buziguye n'ubutegetsi butaziguye
- Gukorera mu matsinda no gusangiza abandi ibyayavuyemo

### **Inyandiko zakwifashishwa :**

Kagame A. (1972). *Un Abrégé de l'Histoire du Rwanda*, Vol. 2, Butare : Editions Universitaires du Rwanda.

Longhorn. (2017). *History and Citizenship for Rwanda Schools, Senior 2, Student's Book*, pp.128-132.

### **2.2.2 Ni irihe tandukaniro hagati y'amagambo y'amahanga 'race', 'tribe', 'ethnic group', 'clan'?**

Mu ndimi z'amahanga aya magambo *race, tribe, ethnic group, clan* asobanura ubwoko mu Kinyarwanda. Yagiye akoreshwa mu buryo butandukanye mu nyandiko zivuga ku mateka y'u Rwanda. Ariko mu by'ukuri, ayo magambo afite inyito zitandukanye nk'uko tugiyeye kubisobanura:

#### **(a) Ubwoko /Clan**

Ubwoko/*clan* buvuga abantu bahuriye ku mukurambere umwe batekereza ko yabayeho. Mu Rwanda habarirwa ubwoko bugera kuri cumi n'umunani(18). Muri bwo twavugaga; Abazigaba, Abanyiginya, Abashambo, Abasinga, Abagesera, n'abandi. Abantu bahuriye ku bwoko bumwe bahuzwa n'ikirangabwoko runaka. Urugero, Ikirangabwoko cy'Abazigaba ni ingwe, ikirangabwoko cy'Abega ni Igikeri, ikirangabwoko cy'Abanyiginya ni umusambi,...

Ubwoko si umwihariko ku Rwanda kuko buboneka no mu bindi bihugu by' Afurika y'ibiyaga bigari. Abanyarwanda bose, nta kuvangura urwego rw'imibereho yabo (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa) bashoboraga guhurira mu bwoko bumwe.

#### **(b) Ubwoko/race**

Ijambo *race* naryo ryakoreshejwe nk'ubwoko mu Rwanda. Ubundi rivuga itsinda ry'abantu bahuje ibara ry'uruhu, uburyo bwo kubaho, ukuvuka, inkomoko, ubwoko cyangwa umuryango. Ijambo ubwoko/*race* rikoresheya ku itsinda ry'abantu basa kandi bafite inkomoko imwe.

### **(c) Ubwoko/*Ethnic group***

Ni itsinda ry'abantu bahuje ururimi, umuco n'imyemerere, imigenzo n'imiziririzo, amateka amwe, batuye ahantu hamwe banahuje igisekuru.

### **(d) Ubwoko/*Tribe***

Ni abantu bafite ibyo bahuriyeho byihariye, nk'umusekuruza umwe, indangagaciro zimwe, umuco umwe kandi babarizwa mu gace kamwe kazwi. Babaho mu buzima bwabo bihariye.

Aya magambo yose y'amanyamahanga nta gisobanuro kihariye agira mu Kinyarwanda

#### **2.2.2.1 Amoko (Abahutu n'Abatutsi n'Abatwa ) yaje ate?**

Ubundi amagambo umuhutu, umututsi, umutwa ntiyazanywe n'abadage cyangwa Ababirigi mu Rwanda. Yari asanzwe mu Rwanda ariko asobanura iinzeho z'imibereho abanyarwanda babarizwagamo icyo gihe, kandi umuntu akaba yarashoboraga kuva mu rwego rumwe akajya mu rundi bitewe n'uko umutungo we wiyongereye cyangwa wagabanutse.

Ababirigi bamaze guhabwa inshingano yo kuyobora u Rwanda, bifashishije amoko yari iwabo, batanze indangamuntu zirimo amoko, aho kugira ngo bandikemo ya moko abanyarwanda bari basanzwe bahuriramo, bashyizemo ubuhutu, ubututsi n'ubutwa.

Muri repubulika zombi, amoko yahawe intebe ubwo umuntu yahabwa akazi cyangwa se ishuri bashingiye ku bwoko bwe, nuko ubwo ubwoko bwaje mu Rwanda.

#### **None se ubundi Abahutu, Abatutsi n'Abatwa bisobanura iki?**

Abahutu, Abatutsi n'Abatwa zari inzego z'imibereho zishingiye ku mutungo, urwego rw'imibereho n'icyo umuntu yakoraga. Umuntu yashoboraga kuba Umuzigaba, Umuha, Umucyaba, Umubanda ... ari n'Umuhutu, Umututsi cyangwa Umutwa. Iyo umuntu yabaga ari umuhutu, umututsi cyangwa Umutwa w'Umuzigaba yarangwaga n'ikirangabwoko kimwe.

#### **2.2.2.2 Uko ubwoko nk'ubuhutu, ubututsi n'ubutwa bwahawe agaciro kurusha ubwoko/clan**

Kuva igihe cy'ubukoroni kugera u Rwanda rusubijwe ubwigenge, Ubuhutu, ubututsi n'ubutwa ni byo byashyizwe imbere kuruta amoko gakondo y'Abanyarwanda. u Rwanda rumaze kuba Repubulika no kwigenga kandi, politiki y'ivangura rishingiye kuri ayo moko atatu (3) yarakomeje, Kuva icyo gihe Abanyarwanda batangiyeye kugabanya kwibona muri ya moko y'Abasindi, Abatsobe, Abazigaba ... Ibyo byaje guteza amacakubiri mu muryango nyarwanda ku buryo hari n'aho abakomokaga mu muryango umwe bahise batangira kwishishanya.

### **2.2.2.3 Uko ubuhutu, ubututsi n'ubutwa byagiye bihindura inyito n'ingaruka zabyo**

Mu gihe cya gikoroni, Abanyaburayi bafataga ubuhutu, ubututsi n'ubutwa nk'amoko kamere (*race, castes, ethnic groups*). Vansina we yavuze ko gufata ubuhutu, ubututsi n'ubutwa nk'amoko ari ukwibeshya kubera ko bidakomoka ku bwoko kamere runaka bwaje mu gihugu.

Mbere y'ubukoronzi ndetse na nyuma ya ho, ubuhutu bwari bufite inyito ebyiri. Byavugaga umuntu uhatswe cyangwa se rubanda rugufi n'iyi yaba akomoka ku batutsi. Mu Rwanda, inyito ya mbere yaganishaga ku bugaragu ugereranyije n'utaburimo. Naho ubututsi bwavugaga umukire cyangwa umutware. Kubaho k'ubuhutu n'ubututsi, byavutse igihe igice cy'abantu biswe Abatutsi bashatse abagaragu, abo bagaragu bashoboraga no kuba ari Abatutsi (Vansina).

Vansina yavuze kandi ko iby'ubututsi byazamuwe n'uko ingoma yagiye yaguka, ubutegetsu bukagenda bujya mu maboko y'abatunzi. Kuri Vansina, Abatutsi byavugaga abatware bo hejuru mu batunzi. Kuva ubwo n'abatunzi b'abakene batangira kwiyita Abatutsi kugira ngo bitandukanye n'abahinzi.

Kwinjizamo abantu iby'amoko mu Rwanda byazamuwe n'injijike, byamamazwa n'abanyapolitiki b'Abahutu bibona gukwira muri rubanda. Byabaye umurongo w'ubutegetsu kuva muw'1960 kugera kuri jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Ukuri kugaragaza yuko nta bwoko bwihariye bwabayeho mu mateka. Amoko arahimbwa, ashobora gukura cyangwa akazimira bitewe n'ihame ry'uko abantu bagenda bahura ndetse bakanahuzwa n'inyungu runaka. Abakoronzi bahimbye amoko, Abanyarwanda bajijutse na bo barayashimangira.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Kagame A. (1954). Les organisations socio familiales de l'ancien Rwanda, Bruxelles, ARSOM.

Kagame A. (1972). Un Abrégé de l'Ethnohistoire du Rwanda, Vol. 1, Butare, Editions Universitaires du Rwanda.

Kayihura M. (2004). Composantes et relations sociales au Rwanda précolonial et post-colonial: Hutu, Tutsi, Twa, lignages et clans, In: Byanafashe D. (sous la dir. de) Les Défis de l'historiographie rwandaise I : Les faits controversés, UNR, CERCOSH.

Nyagahene A. (1997). Histoire et peuplement. Ethnies, clans et lignages dans le Rwanda ancien et contemporain, Thèse de doctorat, Paris.

### **2.2.3 Kuki Ababirigi baretse gufatanya n'Abatutsi bari ku butegetsu bagafatanya n'injijike z'Abahutu ? (Social Studies and Religious Education, Pupil's book 5, p. 92)**

Ababirigi bahisemo kureka gufatanya n'injijike z'Abatutsi, batangira gufatanya n'injijike z'Abahutu kubera ko izo mpande zombi zari zifite imyumvire itandukanye ku bijyanye n'inzira yo kugera ku bwigenge. Mu gihe injijike z'Abatutsi zari zitangiye kugaragaza ko zifuza ubwigenge mu myaka ya 1950, Ababiligi bo ntibari biteguye guha u Rwanda ubwigenge kubera inyungu bari bagifite mu bihugu bakoronije. Ibyo ni byo byatumye bahitamo gufatanya n'injijike z'Abahutu kuko zo

zabonaga ko guhabwa ubwigenge bitihutirwa. Ikindi ni uko Ababirigi babonaga ko bashoboraga gukomeza gukorana n'izo njijuke z'Abahutu na nyuma y'ubwigenge.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Guhitamo inyandiko ngufi zerekana ibitekerezo by'Ababirigi n'iby'injijuke z'Abanyarwanda mbere y'ubwigenge, hanyuma abanyeshuri bakaziganiraho mu matsinda

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Nkundabagenzi, F. (1961). *Rwanda politique 1958-1960*, Bruxelles: dossier du CRISP

Harroy, J.P., (1984). *Rwanda, de la féodalité à la démocratie, 1955-1962*. Bruxelles: Hayez

Logiest G. (1988). *Mission au Rwanda. Un blanc dans la bagarre tutsi-hutu*. Bruxelles :Didier Hatier

Rawson, D. (1966). *The role of the United Nations in the political development of Rwanda-Urundi 1947-1962*. (Phd Thesis). The American University

#### **2.2.4. Ubuhake, ubukonde n'uburetwa (Pearson, Pupil's book 5, p. 92)**

Reba ibisobanuro byatanzwe ku ngingo ya 2.1.4

#### **2.2.5. Imiterere y'ubuyobozi mu Rwanda mbere y'ubukoroni (Social Studies and Religious Education, Pearson Publishers, Pupil's book 5, p. 94)**

Ijambo « feudal » dusanga mu gitabo cy'umunyeshuri (p. 94), risobanura uburyo bw'imibereho n'imiyoborere bwakoreshwaga mu Burayi hagati y'ikinyejana cya 8 n'icya 15, aho abafite ubutaka bunini bahaga abatabufite aho bahinga kandi bakabarindira umutekano. Ababuhawe na bo bakoreraga ba shebuja kandi bakabarwanirira mu gihe batewe. Nyir'ubutaka yabaga afite ububasha ku butaka bwe n'ababutuyeho nk'ubwo umwami yagiraga ku gihugu ke. Iyo miyoborere si yo yari mu Rwanda mbere y'ubukoroni.

Igitabo cy'umunyeshuri cya 1, Amateka n'Uburere mboneragihugu, urupapuro rwa 51 gitanga ibisobanuro birambuye kandi bihagije.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Rutembesa, F. (2004). A propos de l'usage du concept « féodalité » dans l'étude de la société rwandaise, in: Byanafashe D. (sous dir.), *Les défis de l'Historiographie rwandaise*, Editions de l'Université du Rwanda, Pages 192-205.

Saucier, J.F. (1974). *The Patron-Client Relationship in traditional and contemporary southern Rwanda*. Columbia University

Newbury, C. (1993). *The Cohesion of Oppression. Clientship and Ethnicity in Rwanda, 1860-1960*. Columbia University Press

## **2.2.6. Amashyaka ya politiki ane yari akomeye n’andi mato (Social Studies and Religious Education, Pearson Publishers, Pupil’s book 5, p. 96)**

Abanyeshuri bashakira kumenya amashyaka y’ingenzi n’amato yari mu Rwanda hagati y’umwaka wa 1958 n’uwa 1962 kuko bidasobanuye neza mu gitabo.

### **Amashyaka y’ingenzi yari:**

- UNAR: Union Nationale Rwandaise
- APROSOMA: Association pour la Promotion Sociale de la Masse
- PARMEHUTU: Parti du Mouvement de l’Emancipation des Bahutu
- RADER: Rassemblement Démocratique Rwandais

### **Amashyaka mato yari:**

Alliance des Bakiga (ABAKI); Association des Bahutu Évoluant pour la Suppression des Castes (ABESK); Association des Cultivateurs du Rwanda (ACR); Association du Parti Démocrate Chrétien (APADEC); Association des Commerçants Indigènes (APROCOMIN); Association pour le Relèvement Démocratique des Batwa (AREDETWA); Alliance du Ruanda-Urundi et du Congo (ARUCO); Association des Éleveurs du Rwanda (ASSERU); Mouvement Monarchiste Rwandais (MOMOR); Mouvement pour l’Union Rwandaise (MUR); Parti Monarchiste Progressiste (PAMOPRO); Parti social Chrétien du Rwanda (PSCR); Union des aborozi Africains du Rwanda (UAARU); Union des Masses Rwandaises (UMAR); Union Afro-Européenne (UNAFREUROPE); Union des intérêts communs de Kinyaga (UNINTERCOKI) .

### **Inyandiko zakwifashishwa:**

Rutayisire, P. (2016). Rwanda under German and Belgian colonization. In Déo Byanafashe & Paul Rutayisire (Eds). *History of Rwanda from the beginning to the end of the twentieth century*. pp.385-391.

Available

at

[http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86)

Bizimana, J.D. (2014). *Inzira ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Imprimerie Muhima N

izeyimana, I. (2015). *Ubumwe bw’Abanyarwanda mu mateka yabo: ubukoroni n’amacakubiri*. Rwanda Printery Company Ltd

Musangamfura, S. (1987). *Le Parti MDR Parmehutu: information et propagande. Essai d’analyse de la presse des documents officiels et de témoignages oraux 1959-1974*. (BA dissertation, UNR

### **2.2.7. Urutonde rw'Abaperezida b'u Rwanda kuva mu 1961 (Social Studies and Religious Education, Pearson Publishers, Pupil's book 5, p. 97-98)**

#### **Urutonde rw'Abaperezida bayoboye u Rwanda:**

1. Mbonyumutwa Dominique, kuva 28/01/1961 kugeza 24/09/1961
2. Kayibanda Grégoire, kuva 25/09/1961 kugeza 05/07/1973
3. Habyarimana Juvénal, kuva 05/07/1973 kugeza 06/04/1994
4. Dr Sindikubwaho Théodore, kuva 9/04/1994 kugeza 03/07/1994
5. Bizimungu Pasteur, kuva 19/07/1994 kugeza 23/03/2000
6. Kagame Paul, kuva 22/4/2000 —

#### **Uburyo bwo kwigisha**

- Ibiganiro mu matsinda
- Ibisobanuro by'umwarimu
- Kwifashisha amafoto

### **2.3. UMWAKA WA GATANDATU W'AMASHURI ABANZA:**

#### **IMBONEZAMUBANO N'IYOBOKAMANA**

Ibibazo bikunda kubazwa n'abanyeshuri bo mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza ni ibirebana n'ababaye ba Minisitiri b'Intebe, ubwigenge bw'u Rwanda, itangira rya Repubulika ya kabiri (1973-1994), ibisobanuro by'ijambo” akazu” n'ibindi bibazo birebana na jenocide.

#### **2.3.1. Ikibazo kiri mu gitabo ni amafoto ya ba Minisitiri b'Intebe b'u Rwanda adaherekejwe n'amazina yabo n'igihe bayoboye (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's book 6, p. 230).**

#### **Uruhererekane rwa ba Minisitiri b'Intebe mu Rwanda kuva mu 1962**

1. KAYIBANDA Grégoire wo mu ishyamba MDR yayoboye kuva 19/10/1960 kugeza 01/07/1962 (Amezi 21).
2. Dr NSANZIMANA Sylvestre wo mu ishyamba MRND yayoboye kuva 02/10/1991 kugeza 02/04/1992 (Amezi 06).
3. Dr NSENGIYAREMYE Dismas wo mu ishyamba MDR yayoboye kuva 02/04/1992 kugeza 18/07/1993 (Amezi 15).
4. UWILINGIYIMANA Agathe wo mu ishyamba MDR yagiyeho 18/07/1993 kugeza 07/04/1994 (Amezi 09).
5. KAMBANDA Jean wo mu ishyamba MDR yayoboye kuva 09/04/1994 kugeza 04/07/1994 (Amezi 03)
6. TWAGIRAMUNGU Faustin wo mu ishyamba MDR yayoboye kuva 19/07/1994 kugeza 31/08/1995 (Amezi 13)
7. RWIGEMA Pierre Célestin wo mu ishyamba MDR yayoboye kuva 31/08/1995 kugeza 08/03/2000 (Amezi 55)



8. MAKUZA Bernard wo mu ishyaka MDR\* yayoboye kuva 08/03/2000 kugeza 07/10/2011 (Amezi 127)
9. Dr HABUMUREMYI Pierre Damien wo mu ishyaka FPR yayoboye kuva 07/10/2011 kugeza 23/07/2014 (Amezi 33)
10. MUREKEZI Anasthase wo mu ishyaka PSD yayoboye kuva 23/07/2014 kugeza 30 Kanama 2017 (amezi 38)
11. Dr NGIRENTE Edouard udafite ishyaka abarizwamo, yagiheho ku wa 30/08/2018  
\*Makuzza Bernard yabaye Minisitiri w'Intebe atanzwe n'ishyaka MDR, ariko iryo shyaka ryaje guseswa mu 2003.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Umwarimu agomba gutegura umwitozo wo guhuza amazina n'amafoto ya ba Minisitiri b'Intebe.

### **2.3.2 Ni nde wahaye u Rwanda ubwigenge? (Social Studies and Religious Education, Pupil's book 6, Kenya Literature Bureau, p. 231)**

Ababirigi bategetse u Rwanda mu buryo bw'Indagizo mu gihe cy'Umuryango w'Ibihugu (League of Nations) no mu gihe cy'Umuryango w'Abibumbye (United Nations Organization). Ububirigi bwashubije u Rwanda ubwigenge ku itariki ya 1 Nyakanga 1962 bubisabwe n'Umuryango w'Abibumbye.

### **Uburyo bwo kwigisha**

- Buri munyeshuri yakora ubushakashatsi ku giti ke.
- Impaka mu matsinda no kubisangiza abandi.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P, History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century, NUR-NURC, 2011, (Pp.408-414).

Rawson, D. (1966). *The role of the United Nations in the political development of Rwanda-Urundi 1947-1962*. (Phd Thesis). The American University.

Kagame, A. (1972-75). *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*. Butare: Editions Universitaires du Rwanda.

### **2.3.3. Ni iki cyatumye Ababirigi bareka gufatanya n'Abatutsi bari ku butegetsi bagafatanya n'injijuke z'Abahutu? (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's book 6, p. 232)**

### **Reba kuri 2.2.3**

### **2.3.4. Ni izihe mpamvu zatumye Repubulika ya kabiri (1973-1994) ivuka? (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's Book 6, p. 234).**

Impamvu zatumye havuka Repubulika ya kabiri mu Rwanda (1973-1994) ntizagaragajwe mu gitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, ku rupapuro rwa 234.

#### **Inama zigenewe umwarimu:**

Mu gusobanura iki kibazo, umwarimu ashobora kongeraho ibi bikurikira:

- Ibibazo by'irondakarere, irondabwoko na ruswa byari mu ishyamba ryari ku butegetsi ari ryo PARMEHUTU;
- Amakimbirane hagati y'abari ku butegetsi;
- Imvururu n'ubwicanyi byo mu 1973;
- Ihirikwa ry'ubutegetsi ryayobowe na Habyarimana Juvénal mu mwaka wa 1973.

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Gusoma ibitabo bijyanye n'ihinduka ry'ubutegetsi mu 1973
- Ibiganiro mu matsinda
- Kubisangiza abandi

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

National Curriculum Development Center. (2010). *The History of Rwanda: Teacher's Guide for Secondary Schools, Modules I and II*, pp.116-117

Reyntjens, F. (1985). *Pouvoir et Droit au Rwanda. Droit public et Evolution politique 1916-1973*. Tervuren : MRAC.

Paternostre de la Mairie, B. (1972). *Le Rwanda : son effort de developpement, antécédents historiques et conquêtes de la révolution rwandaise*. Bruxelles-Kigali: De Boeck.

### **2.3.5 Habayeho Repubulika zingaha? (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's book 6, p.231-243)**

Umubare wa za Repubulika ugenwa n'ubushake bw'abayobozi n'akamenyero. Bitewe n'uko abayobozi babyise, mu Rwanda habayeho Repubulika ebyiri gusa (Repubulika ya mbere n'ya kabiri).

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Ibiganiro mu matsinda.
- Gusangiza abandi ibyavuye mu matsinda.

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Mugesera A. (2015). *Imibereho y'Abatutsi mu Rwanda*, Imprimerie Muhima.

Chrétien J.P. (2003). *L'Afrique des Grands Lacs: Deux mille ans d'histoire*, Paris: Flammarion.

### **2.3.6. Igisobanuro k'ijambo 'Akazu' (Social Studies and Religious Education, Pupil's book 6, Kenya Literature Bureau, p. 248)**

Akazu ni itsinda ry'abantu bakoranaga bya hafi n'ubutegetsi bwa Perezida Habyarimana. Ryari rigizwe n'abakomokaga mu muryango wa Habyarimana n'abo mu muryango w'umugore we na bamwe mu byegera bye. Nubwo iryo jambo ryamamaye muri za 1990, 'Akazu' kari gasanzwe kariho kandi gakora na mbere yaho.

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Gusoma no gusesengura inyandiko zirebana n'Akazu
- Ibiganiro mu matsinda
- Gusangira ibitekerezo

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Mfizi C. (1992). *Le réseau zéro*, Kigali

Prunier, G. (1997). *The Rwanda Crisis: History of Genocide*. New York: Columbia University Press

Des Forges, A. (1999). *Leave none to tell the story*, Human Rights Watch and Fédération Internationale des Ligues des Droits de l'homme.

### **2.3.7 Kuki Jenoside yakorewe Abayahudi yitwa 'Holocaust'? (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's Book 6, p. 254)**

Ijambo 'Holocaust' rikoreshwa mu mwanya wa Jenoside yakorewe Abayahudi. Riva ku ijambo ry'Ikigereki 'holos' rivuga 'byose' na 'kaustos' rivuga 'gutwika'. Ryakoreshwaga kuva kera, rivuga igitambo gitwikiwe aho baturiraga ibitambo. Guhera mu mwaka wa 1945, *Holocaust* ni ryo zina ryahawe ubwicanyi ndengakamere bwakorewe miliyoni esheshatu z'Abayahudi bari ku mugabane w'i Burayi mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abadage b'Abanazi mu Intambara ya Kabiri y'Isi.

Jenoside yakorewe Abayahudi yitwa kandi 'shoah', bisobanura 'amakuba'. Iri jambo rikoreshwa muri Isiraheli n'Abayahudi bari hirya no hino ku isi.

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Gukoresha za videwo n'amafoto kuri Jenoside yakorewe Abayahudi
- Guhitamo za videwo zituma abanyeshuri bahungabana.
- Ibisobanuro by'umwarimu

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Bensoussan, G. (1997). La destruction des juifs d'Europe : sur la singularité d'un crime de masse (pp. 67-86). In Lefebvre B. & Ferhadjian. S. *Comprendre les génocides du XXe siècle. Comparer-Enseigner*. Paris : Breal.

Frank A. (1957). *Diary of a Young Girl*. Bantam.

Goldhagen, D.J. (1997). *Hitler's Willing Executioners: Ordinary Germans and the Holocaust*.

Hilberg, R. (2003). *The Destruction of the European Jews*. New Haven: Yale University Press

Ndorimana, J. (2017). *Le génocide des Tutsi au Rwanda comparé au Génocide des Juifs et des Arméniens*, Kigali

### **2.3.8 Igisobanuro cy'ijambo 'ingengabitekerezo' n'igisobanuro k'ingengabitekerezo ya jenocide (Social Studies and Religious Education, Kenya Literature Bureau, Pupil's book 6, p. 257).**

Abanyeshuri bakunda kubaza ibibazo bikurikira: Ingengabitekerezo ni iki? Ingengabitekerezo zitandukanira he? Ingengabitekerezo ya jenocide ni iki?

#### **Inama zigenewe umwarimu:**

- (a) *Ingengabitekerezo* ni umurongo w'ibitekerezo, amahame n'indangagaciro biyobora imyitwarire n'ibikorwa by'itsinda ry'abantu. Ingengabitekerezo ishobora kuba yubaka cyangwa isenya. Guhitamo ingengabitekerezo biterwa n'ubushishozi bw'umuntu.
- (b) *Ingengabitekerezo ya jenocide* ni uruhurirane rw'ibitekerezo byagaragazwa n'imyitwarire, imvugo, inyandiko n'ibindi bikorwa bigamije kurimbura, cyangwa guhamagarira abandi kurimbura abantu bishingiye ku bwoko, inkomoko, ubwenegihugu, idini, uruhu, imiterere, igitsina, ururimi, akarere cyangwa imyumvire ya politiki, bikozwe mu gihe gisanzwe cyangwa cy'intambara.
- (c) *Ibiranga ibyaha by'ingengabitekerezo ya jenocide:*  
Ibyaha by'ingengabitekerezo ya jenocide bigaragazwa n'ibitekerezo ibyo aribyo byose bigamije kwambura ubumuntu umuntu cyangwa itsinda ry'abantu bahuje ibibaranga mu buryo bikurikira:
  - Gutera ubwoba umuntu cyangwa kumutesha agaciro ukoresheje imvugo ziharabika, inyandiko cyangwa ibikorwa bigamije guhembera urwango;
  - Gutesha agaciro umuntu, kumukwena, kumushungera, kumusebya, kumwandagaza, kumumwaza, gutera urujijo ugamije guhakana jenocide, gutuma umuntu agubwa nabi, kwihorera, gusibanganya ubuhumya cyangwa ibimenyetso bya jenocide ;
  - Kwica, gutegura kwica cyangwa kugerageza kwica umuntu ku mpamvu yo gushimangira ingengabitekerezo ya jenocide.

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Guha abanyeshuri inyandiko zigaragaza ingengabitekerezo ya Jenocide, bagakorera mu matsinda berekana amagambo n'ingingo zigaragaramo ingengabitekerezo ya jenocide.
- Abanyeshuri baganire ku byavuye mu matsinda, umwarimu abafashe gusobanukirwa neza ingengabitekerezo ya jenocide icyo ari cyo.

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Art. 2 and 3 of Law No. 18/2008 of 23 July 2008 Relating to the Punishment of the Crime of Genocide Ideology. Available at: <http://www.refworld.org/docid/4acc9a4e2.html>

Art. 2 and 3 of Law N° 84/2013 of 11/09/2013 on the Crime of Genocide Ideology and Other Related Offences, pp. 32-44. Available at [http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HLaws/Law\\_RFMA.pdf](http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HLaws/Law_RFMA.pdf)

Bruneteau, B. (1997). Génocide. Origines, enjeux et usages d'un concept (pp. 20-50). In Lefebvre B. & Ferhadjian. S. *Comprendre les génocides du XXe siècle. Comparer-Enseigner*. Paris : Bréal

Semujanga, J. (2003). Origins of Rwandan Genocide. New York : Humanity Books

Semujanga, J. (ed.). (2010). *Le manifeste des Bahutu et la diffusion de l'ideologie de la haine au Rwanda (1957-2007)*. Editions de l'Université Nationale du Rwanda

Semujanga, J. & Galabert J.-L. (2013). *Faire face au négationnisme du genocide des Tutsi*. Paris: Izuba éditions

Ternon, Y. (1995). L'Etat criminel : les génocides au XXe siècle. Paris : Seuil

## **IKICIRO RUSANGE**

Ibibazo by'ingenzi bikunze kubazwa n'abanyeshuri bo mu kiciro rusange birimo ibyerekeranye n'imategekere mbere y'ubukoroni, ubutegetsu bw'Ababirigi, ibyo bwagezeho n'ingaruka zabwo, inzego za poritiki n'ubuyobozi, "revorisiyo yo mu 1959", urupfu rwa Perezida Habyarimana na Jenocide yakorewe Abatutsi.

## **UMWAKA WA MBERE**

### **2.4 AMATEKA N'UBURERE MBONERAGIHUGU**

#### **2.4.1. Ni iyihe sano yari hagati y'umutwe w'ingabo n'umutwe w'inka?**

Isano yari hagati y'umutwe w'ingabo n'umutwe w'inka ni uko buri mutwe w'ingabo wagiraga umutwe w'inka ugizwe n'amashyo. Izo nka zari izo gutunga uwo mutwe w'ingabo igihe uri ku rugamba no mu mibereho yazo ya buri muni. Umwami yabaga afite ububasha bwo gukurikirana imitwe y'inka n'indi mitungo yose y'ingabo binyuze mu batware b'ingabo.

#### **2.4.2. Ese ubuhake bwari bwiza cyangwa bwari bububi?**

Ubuhanu bwari uburyo bw'imibereho, ubukungu na poritiki mu Rwanda rwa mbere y'ubukoroni. Ubuhanu bwari bufite ibyiza n'ibibi. Ikiza cy'ubuhake ni uko bwashoboraga guteza imbere umugaragu ndetse na shebuja. Uretse kuba bwashoboraga kumuha inka, bwamuhaga n'umutekano w'ibye n'abe. Yamenyanaga n'abandi, akabana na bo neza.

Ubuhanu ariko bwari bufite inenge kuko hari ubwo umuntu yashoboraga gutegereza igihe kirekire ataragarirwa inka, cyangwa se agakoreshwa imirimo y'ikirenga, akaba yananyagwa inka ze bwite.

Kuva mu mwaka wa 1948, Umwami Mutara III Rudahigwa amaze kubona ko ubuhake bwataye isura bwahoranye mbere y'ubukoroni, kuko bwari busigaye burimo akarengane, yatangiye gushaka uko bwavaho. Bwaciye n'itegeko ry'umwami ry'ubwo ku itariki ya 1 Mata 1954.

## INYANDIKO ZAKWIFASHISHWA

1. Nkulikiyimfura J.N. (1994): *Le gros bétail et la société rwandaise. Evolution historique des XIIIe-XIVe siècles à 1958*, Paris : L'Harmattan.
2. Nizeyimana I. (2015) : *Ubumwe bw'Abanyarwanda mu mateka yabo. Ubukoroni n'amacakubiri mu Rwanda*. Kigali, Rwanda Printery company Ltd.
- 2.4.3. **Ni izihe ngingo z'ingenzi zigomba kwibandwaho mu gusobanura icyo jenocide ari cyo ? (Social Studies and Religious Education** Ncungure, A. (2016), *Leaner's Book 1*, Fountain Publishers, pp 61-66.

Abanyamategeko, abanyamateka, abaharanira uburenganzira bwa muntu n'abashakashatsi bo mu bindi byiciro by'ubumenyi basobanura jenocide mu buryo butandukanye. Ni yo mpamvu nko mu Rwanda, itegeko rya Gacaca rivuga ko Jenocide yakorewe Abatutsi yakozwe kuva ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 kugeza 31 Ukuboza 1994, naho abanyamateka bo bakavugaga ko yatangiye mbere ya 1990. Nubwo jenocide isobanurwa ku buryo butandukanye, hari ingingo z'ingenzi zigomba kwibandwaho mu kuyigisha. Izo ngingo ni izi zikurikira:

**Igisobanuro cya jenocide:** Mu gusobanura iri jambo «jenocide» ku rwego mpuzamahanga, hashingirwa ku masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo ku itariki ya 09/12/1948. Mu ngingo ya 2, ayo masezerano agira ati: *“Jenocide bivugwa (...) umugambi wo kurimbura bose cyangwa igice cy'abantu bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu rwabo cyangwa se idini.”*

**Ibikorwa biranga jenocide** bivugwa mu masezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha cya Jenocide ni ibi bikurikira:

- Kwica abantu b'itsinda rimwe;
  - Gukomeretsa bikabije imibiri cyangwa ibitekerezo by'abantu b'itsinda rimwe;
  - Gushyira abantu b'itsinda rimwe mu buzima bubi ubigendereye ugamije ko barimbuka bose cyangwa igice;
  - Gushyiraho uburyo bubuza iryo tsinda kubyara;
  - Kwambura iryo tsinda abana babo bagahabwa irindi ridafite aho bahuriye.
- **Amatsinda y'abantu bashobora kwibasirwa mu gihe cya jenocide**

Hashingiwe ku gisobanuro cyatanze n'Umuryango w'Abibumbye, u Rwanda rwashyizeho itegeko rihana icyaha cya jenocide. Iryo tegeko rigaragaza ko abantu bashobora kwibasirwa hashingiwe ku

bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruho cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara (Itegeko Ngenga No 1/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012).

**Umugambi wa jenocide** wo kurimbura abahigwa bose cyangwa bamwe muri bo (Ingingo ya 2 y'Itegeko N° 84/2013 ryo kuwa 11/09/2013).

**Ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi wa jenocide:** Ishyirwa mu bikorwa rya Jenocide rikurikira umugambi wari umaze igihe utekerezwa unategurwa. Iyo habonetse imbarutso, abari ku isonga ry'uwo mugambi, bari mu nzego za Leta, bafata ikemezo cyo gutangiza ubwicanyi no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabwo nta gusubira inyuma.

**Ingengabitekerezo ya jenocide:** Mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 10, Leta y'u Rwanda yiyemeje 'gukumira no guhana icyaha cya Jenocide, kurwanya ihakana n'ipfobyanya bya Jenocide no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenocide n'ibyo igaragariramo byose'.

Itegeko n° 18/2008 ryo kuwa 23/07/2008, mu ngingo yaryo ya 2 risobanura ko Ingengabitekerezo ya Jenocide ari urusobe rw'ibitekerezo bigaragarira mu myitwarire, imvugo, inyandiko n'ibindi bikorwa bigamije cyangwa bihamagarira abantu kurimbura abandi hashingiwe ku bwoko, inkomoko, ubwenegihugu, akarere, ibara ry'umubiri, isura, igitsina, ururimi, idini cyangwa ibitekerezo bya poritiki, bikozwe mu gihe gisanzwe cyangwa mu gihe cy'intambara.

### **Ibiranga icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide**

Itegeko n° 18/2008 ryo kuwa 23/07/2008, mu ngingo yaryo ya 3 rivuga ko icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide kigaragarira mu myifatire irangwa n'ibimenyetso bigamije kwambura ubumuntu umuntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho nko mu buryo bukurikira:

1° gutoteza, gutera ubwoba, gutesha agaciro mu mvugo, mu nyandiko cyangwa mu bikorwa bisebanya, birangwamo ubugome cyangwa byenyegeza urwango;

2° gushyira mu kato, gushinyagurira, kwigamba, kwandagaza, guharabika, gutesha isura, kuyobya uburari hagamijwe gupfobya jenocide yabaye, guteranya abantu, kwihimura, kwangiza ubuhamya cyangwa ibimenyetso bya jenocide yabaye;

3° kwica, gutegura umugambi wo kwica cyangwa kugerageza kwica undi bishingiye ku ngengabitekerezo ya jenocide.

**Guhakana no gupfobya Jenocide:** Itegeko Ngenza No 1/2012/OL risobanura ko upfobya cyangwa uhakana Jenocide yakorewe Abatutsi ari umuntu wese ugaragaje mu ruhame, haba mu mvugo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose, ko atemera Jenocide yakorewe Abatutsi, ugerageza gusobanura cyangwa kwemeza ko yari ifite ishingiro, uhishira cyangwa uwonona ibimenyetso byayo.

### **Ibindi byaha bijyanye n'ipfobya rya Jenocide ni ibi bikurikira:**

- Kwiba imibiri y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi, cyangwa kwangiza ibimenyetso biri mu rwibutso rw'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi;
- Kwangiza imibiri y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi
- Gusenya inzibutso cyangwa amarimbi y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Abanyeshuri bashakira kuri murandasi cyangwa mu bitabo Itegeko Nshinga n'andi mategeko arebana na jenocide n'ingengabitekerezo yayo, hanyuma bagashakamo ingingo z'ingenzi zisobanura jenocide. Bakore inyandiko ngufi isobanura ibitekerezo by'ingenzi bakuyemo.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015

Itegeko n°18/2008 ryo ku wa 23/07/2008 rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide

Itegeko n° 84/2013 ryo ku wa 11/09/2013 ryerekeye icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifatanye isano na yo.

National Commission for the Fight against Genocide. (2014). *Rwanda 1994-2012: 18 years after the Genocide perpetrated against Tutsi. Testimonies and Reflections*. Kigali



Ndorimana, J. (2017). *Le Génocide des Tutsi au Rwanda comparé au Génocide des Juifs et des Arméniens*. Kigali: Prograph. Ltd

Kantengwa, O. (2013). The Role of the National Commission for the Fight against Genocide in the combating Genocide ideology and denial. In Organisation for Science Research in Eastern and Southern Africa (Ed), Governance and Post-conflict reconstruction in Rwanda (pp 100-121)

Moerland, R. (2016). *The Killing of Death: Denying the Genocide Against the Tutsi*. Cambridge: Intersentia

Gasabo, J.D; Simon, J.D & Ensign, M.M (Eds.). (2015). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

Parliament, The Senate, (2005). *Rwanda Genocide Ideology and strategies for its eradication*. Kigali

Ruvebana, E. (2014). *Prevention of Genocide under international Law: An analysis of the obligations of States and the United Nations to prevent genocide at the primary, secondary and tertiary levels*. Cambridge: Intersentia

Semujanga, J. & Galabert J.-L. (2013). *Faire face au négationnisme du génocide des Tutsi*. Paris: Izuba éditions

Ternon, Y. (1997). La négation du génocide. Une approche comparative (pp. 154-172). In Lefebvre B. & Ferhadjian. S. *Comprendre les génocides du XXe siècle. Comparer-Enseigner*. Paris : Bréal

## 2.5. UMWAKA WA KABIRI

### AMATEKA N'UBURERE MBONERAGIHUGU

#### 2.5.1. Ni izihe ngaruka ubukoroni bw'Ababirigi bwagize ku nzego z'ubwami mu Rwanda?

Ababirigi bamaze gusimbura Abadage, bahinduye inzego z'ubwami.

Zimwe mu ngero zatangwa ni izi zikurikira:

1. **Kwambura umwami ububasha:** Umwami Yuhi V Musinga bamubujije kongera gushyiraho abatware atabajije Rezida, kandi Ababirigi ni bo bari bafite ububasha ku batware kuko batari bagitegekwa n'Umwami.
2. **Gukuraho ubwiru:** Abakoroni batesheje agaciro Ubwami ubwo bavanagaho urwego rw'Abiru. Abiru bari abanyamabanga n'abajyanama b'umwami. Bimwe mu byo bari bashinzwe ni ugukora imihango igamije imibereho myiza y'igihugu.
3. **Kwambura umwami ububasha bwo guca imanza:** ububasha bw'Umwami wari umucamanza mukuru, ufite ububasha bwo kwica agakiza, bwavuyeho, asigarana ububasha bwo guca imanza z'ubujurire ari hamwe n'uhagarariye ubutegetsi bw'abakoroni. Umubare

w'abatware bari bafite ububasha bwo gukemura amakimbirane no guhana ibyaha mu duce bayoboraga waragabanyijwe.

4. **Kwambura Umwami ububasha bwo kuba umuhuza w'Imana n'Abanyarwanda.** Mu bijyanye n'imyemerere, Abanyarwanda bafataga Umwami nk'ubahagarariye imbere y'Imana, akavugana na yo. Abanyarwanda kandi bamubonaga nk'aho ari isoko y'ubuzima n'uburumbuke. Ababirigi bategetse Umwami Yuhi V Musinga kwemera ko umuntu afite uburenganzira bwo guhitamo idini ashaka. Kuva ubwo, rubanda rwatangiye kumubona nk'umuntu usanzwe, aho kumubonamo ububasha bukomoka ku Mana.
5. **Gukuraho inzego z'imiyoborere abakoroni basanzeho:** Ababirigi bakuyeho inzego eshatu z'ubuyobozi zari zigizwe n'Umutware w'Ingabo, uw'Umukenke n'uw'Ubutaka, bazisimbuzira inzego nshya zayoborwaga na shefu na sushefu.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Gusesengura mu matsinda inyandiko zerekeye ubutegetsi mu gihe cy'Ababirigi. Kungurana ibitekerezo no kujya impaka kuri izo nyandiko.

#### **Inyandiko zakwifashishwa:**

Byanafashe, D. & Rutayisire, P. (Eds) (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86)

Rumiya J. (1992). *Le Rwanda sous le régime du mandat belge (1916-1931)*. Paris: L'Harmattan.

#### **2.5.2 Ese hari ibyiza ubukoroni bwagezeho?**

Ubukoroni ni umurongo wa politiki n'ibikorwa by'igihugu gikomeye bigamije kwigarurira ibihugu kirusha imbaraga mu rwego rw'ubukungu, umuco na poritiki. Kubera iyo mpamvu, nta wavuga ko ari bwiza. icyakora hari ibintu by'ingirakamaro byakozwe n'abakoroni mu buzima, uburezi, ubuhinzi, ibikorwaremezo n'ibindi byateje imbere imibereho myiza n'ubukungu bw'Abanyarwanda.

U Rwanda rwatangiye kubana n'amahanga, ariko inyungu z'abakoroni ni zo zashyirwaga imbere. Bimwe mu byagezweho byakozwe ku gitutu cy'Umuryango w'Abibumbye mu gihe u Rwanda rwari Indagizo y'Ababirigi.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Gutara amakuru mu gace batuyemo ku bikorwa byakozwe mu gihe cy'ubutegetsi bw'Ababirigi no kuganira ku byo bagezeho mu isomo rikurikiraho.

Gushakisha kuri murandasi cyangwa mu masomero inyandiko zivugaga ibikorwa by'Ababirigi mu Rwanda

#### **Inyandiko zakwifashishwa:**

Byanafashe, D. & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUid%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUid%5D=86)

Des Forges, A. (2011). *Defeat is the only bad news. Rwanda under Musinga 1896-1931*. Madison: University of Wisconsin Press

Linden, I. (1977). *Church and Revolution in Rwanda*. Manchester University Press

Nizeyimana I. (2015). *Ubumwe bw'Abanyarwandanda mu mateka yabo. Ubukoronu n'amacakubiri mu Rwanda*. Kigali, Rwanda Printery company Ltd.

Paternostre de la Mairie, B. (1972). *Le Rwanda: son effort de developpemen, antécédents historiques et conquêtes de la révolution rwandaise*. Bruxelles-Kigali : De Boeck.

Reyntjens, F. (1985). *Pouvoir et droit au Rwanda. Droit public et évolution politique, 1916-1973*, Tervuren : MRAC.

### **2.5.3 Inzego z'ubutegetsi bw'Abakoronu zari zitandukaniye he n'izirihho ubu (ubunini n'umubare)?**

Biragoye kugereranya ibyo bihe byombi kubera ko abashyizeho izo nzego bari bafite imitekerereze itandukanye. Mu gihe cy'ubukoronu igihugu cyari kigabanyijemo *teritwari*, *sheferi* na *susheferi*. Muri iki gihe (2018), igihugu kigabanyijemo intara, uturere, imirenge, utugari n'imidugudu. *Sheferi* yendaga kungana n'Akarere k'ubu. Mu mpera z'ubukoronu, u Rwanda rwari rugizwe na teritwari 10, sheferi 45, susheferi 543. Muri iki gihe, u Rwanda rufite intara 4 n'umugi wa Kigali, uturere 30, imirenge 416, utugari 2.148, imidugudu 14.837.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Abanyeshuri bage mu matsinda, bifashishe amakarita, bagereranye ibyo bihe byombi.

### **Inyandiko zakwifashishwa:**

#### **2.5.4. Kuki Mbonyumutwa yakubiswe ?**

Ikubitwa rya Mbonyumutwa ryabaye mu gihe mu gihugu hari umwuka w'ubushyamirane hagati y'amashyaka ya poritiki. Abayobozi b'amashyaka atandukanye bari bamaze iminsi bahohoterwa. Mbonyumutwa yakubiswe na bamwe mu barwanashyaka ba UNAR ku itariki ya 1 Ugushyingo 1959 kubera ko yari umwe mu barwanashyaka bakomeye b'ishyaka rya PARMEHUTU ryanengaga ubwami.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Hubert, J.R. (1965). *La Toussaint rwandaise et sa répression*. Bruxelles :Académie royale des Sciences d'Outremer

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n'ya kabiri 1959-1990*. Kigali: Les Editions Rwandaises.

### **Uburyo bwakwifashishwa mu kwigisha**

Umwarimu yashaka inyandiko zivuga uko ibintu byari byifashe muri poritiki mu mwaka wa 1959, abanyeshuri bakaziganiraho mu matsinda, bakagaragaza ibyaranze icyo gihe.

### **2.5.5. Ni izihe ngaruka za «Revorisiyo yo mu 1959» ?**

« Revorisiyo yo mu 1959 » yagize ingaruka muri poritiki, mu mibereho y'abaturage no mu bukungu.

#### **Ingaruka muri Poritiki**

- Repubulika yasimbuye ubwami;
- Hashyizweho inzego nshya z'ubutegetsi n'abayobozi bashya;
- Haje ingengabitekerezo nshya ishingiyeye ku macukubiri, urwango no guheza;
- Hatangiye imvururu zishingiye kuri poritiki;
- Umuco wo kudahana wahawe intebe.

#### **Ingaruka mu mibereho y'abaturage**

- Abaturage bakuwe mu byabo;
- Abanyarwanda bahungiyeye mu bihugu bitandukanye;
- Urwikekwe mu banyarwanda rwariyongereye;
- Abantu barishwe;
- Abanyarwanda barushijeho kwiyumva mu moko.

#### **Ingaruka mu rwego rw'ubukungu**

- Imitungo y'abantu yarangijwe;
- Ubukene bwariyongereye;
- Umuco wo gutegereza inkunga y'amahanga warimakajwe.

#### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Umwarimu yashaka inyandiko zivuga kuri « revorisiyo yo mu 1959 » abanyeshuri bakaziganiraho mu matsinda, bakagaragaza ingaruka z'iyi « revorisiyo ».

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century. Butare: NUR-NURC. Available at [http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no\\_cache=1&tx\\_drblob\\_pi1%5BdownloadUId%5D=86](http://www.nurc.gov.rw/index.php?id=70&no_cache=1&tx_drblob_pi1%5BdownloadUId%5D=86).

Uvin, P. (1999). *L'aide complice ? Coopération internationale et violence au Rwanda*. Paris : L'Harmattan.

Reyntjens, F. (1985). *Pouvoir et droit au Rwanda. Droit public et évolution politique, 1916-1973*, Tervuren : MRAC.

Lemarchand, R. (1970). *Rwanda and Burundi*. London: Pall Mall.

### **2.5.6. Ese urupfu rwa Habyarimana ni rwo rwabaye intandaro ya Jenoside yakorewe Abatutsi?**

Urufu rwa Habyarimana si rwo rwabaye intandaro ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko na mbere y'urufu rwe Abatutsi baricwaga mu bice bitandukanye by'Igihugu nka Kibirira (1991), Bigogwe (1991), Murambi (1991), Bugesera (1992), Kibuye (1993) n'ahandi. Ahubwo urufu rwe rwabaye imbarutso kuko kurimbura Abatutsi byari muri gahunda.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

African Rights. (1995). *Rwanda: Death, Despair and Defiance*. London: African Rights

Bizimana, J.D. (2014). *Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali

Dupaquier, J.F. (2010). *L'agenda du génocide. Le témoignage de Richard Mugenzi, ex-espion rwandais*. Paris : Karthala

Morel, J. (2011). *La France au cœur du Génocide des Tutsi*. Esprit Frappeur

Kimonyo, J.P. (2015). *Rwanda's Popular Genocide : A Perfect Storm*. Colorado: Lynne Rienner Publishers.

The Mutsinzi Report. (2010). *Report of the investigation into the causes and circumstances of and Responsibility for the attack of 06/04/1994 against the Falcon 50 Rwandan Presidential Aeroplane, Registration Number 9XR-NN*. Kigali

## **UMWAKA WA GATATU W'AMASHURI YISUMBUYE**

### **2.6 AMATEKA N'UBURERE MBONERAGIHUGU**

#### **2.6.1 Ikibazo cy'Abakiga n'Abanyenduga cyaje gite?**

Dushingiye ku miterere y'u Rwanda, Urukiga bivuga akarere k'imisozi miremire naho Nduga ikaba akarere k'imisozi migufi kari mu Rwanda rwo hagati.

Mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi hashyizweho uturere tw'ubutegetsi tw'Urukiga (ahahoze ari muri Perefegitura ya Byumba ubu ni mu Ntara y'Amajyaruguru) na Nduga (ahahoze ari muri Perefegitura ya Gitarama, ubu ni mu ntara y'Amajyepfo).

Abayoboye u Rwanda muri Repubulika ya mbere n'ya kabiri bakoresheje ayo mazina mu kuvangura uturere. Izina "Abakiga" ryahawe abakomokaga mu majyaruguru y'Igihugu (ahahoze ari perefegitura ya Gisenyi na Ruhengeri) naho "Abanyenduga" rihabwa abakomokaga mu magepfo.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

- Umwarimu yatumira inararibonye zikaganiriza abanyeshuri

- Umwarimu asome ibitabo bivuga ku ivangura ry’uturere mu Rwanda, agasobanurira abanyeshuri

## 2. 6.2 Ese hari ibyiza bya jenocide?

Nta byiza bya jenocide kuko iba igamije kurimbura abantu, kandi nta cyaruta ubuzima

## 2.7 UMWAKA WA KANE W’AMASHURI YISUMBUYE

### AMATEKA

#### 2.7.1 Ni izihe ngaruka amavugurura yakozwe n’Ababirigi yagize ku muco w’Abanyarwanda?

Amwe mu mavugurura yakozwe n’Ababirigi yatumye bimwe mu bigize umuco nyarwanda bitakara, ibindi biribagirana. Urugerero ni nk’itorero, umuganura, ubwiru, imyemerere gakondo, kirazira, ...

### Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha

Kubwira abanyeshuri gushakashaka mu bitabo ku bijyanye n’umuco gakondo.

Gusesengura ibyo bagezeho, hanyuma babiganireho mu matsinda.

Umwarimu yashimangira ko ayo mavugurura yaciye umuco gakondo kandi ko Leta ifite gahunda yo kubakira kuri bimwe mu byahozeho (itorero, gacaca, umuganda, ubudebe) kugira ngo ikemure ibibazo Abanyarwanda bahura na byo muri iki gihe.

### Inyandiko zakwifashishwa

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (Eds) (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20th Century*. Butare: NUR-NURC.

Nizeyimana, I. (2015). *Ubumwe bw’Abanyarwanda mu mateka yabo: ubukoroni n’amacakubiri*. Rwanda Printery Company Ltd

#### 2.7.2 Ni izihe ngaruka amavugurura yakozwe y’Ababirigi yagize ku mibanire y’Abanyarwanda?

Abanyarwanda bari mu buyobozi ntibitirirwaga ubwoko, nubwo harimo Abahutu, Abatutsi n’Abatwa. Guhabwa inshingano z’ubuyobozi mu Rwanda rwo hambere ntibyashingiraga ku kuba uri umuhutu, umututsi cyangwa umutwa. Byashingiraga cyanecyane ku bushobozi umuntu yabaga afite n’ubushake bw’umwami n’ibyegera bye. Mu gihe cy’ivugurura ry’Ababirigi, abayoboraga bagombaga

kuva mu miryango izwi y'Abatutsi. Abatutsi bo mu miryango iciritse, Abahutu n'Abatwa bigijweyo, ibyo birakomeza kugeza mu 1959. Ibyo byagize ingaruka ku mibanire y'Abanyarwanda kuko Ababirigi bayoboraga bifashishije igice kimwe cy'abenegihugu. Iyo ni yo nkomoko y'amacakubiri yaranze imitegekere y'u Rwanda mu gihe cy'abakoronu n'abaruyoboye muri Repubulika ya mbere n'ya kabiri.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Umwarimu yashaka inyandiko zerekana ibibazo by'amacakubiri mu gihe cy'ubukoronu.

Abanyeshuri bakabiganiraho mu matsinda, buri tsinda rikagaragaza icyo ryagezeho.

Umwarimu akagaruka ku ngingo z'ingenzi zaganiriweho

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). History of Rwanda from the beginning to the end of 20th Century, NUR-NURC.

Kagame, A., Un abrégé de l'histoire du Rwanda, Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1972-1975.

Vansina, J. (2004). *Antecedents to modern Rwanda: The Nyiginya Kingdom*. Madison: University of Wisconsin Press.

Sebasoni, M., S. (2000). *Les origines du Rwanda*. Paris, Montréal: L'Harmattan.

#### **2.7.3 Ese Byari ngombwa ko u Rwanda rukoronizwa?**

Oya. Ntibyari ngombwa ko u Rwanda rukoronizwa kuko Abanyarwanda bari bashoboye kwiyobora ubwabo bakanikemurira ibibazo byo mu rwego rw'imibanire, imiyoborere n'ubukungu. Urugero ni uko hari n'ibindi bihugu bitakoronijwe kandi byateye imbere. Impamvu z'ingenzi zateye ubukoronu zari zishingiye ku nyungu z'abakoronu aho kuba iz'ibihugu byakoronijwe.

#### **2.7.4 Ese ibyabaye mu Rwanda muri 1959 byari imvururu cyangwa impinduramatwara?**

Ibyabaye mu Rwanda hagati ya 1959-1962 biracyari mu mitwe y'Abanyarwanda benshi kandi ntibivugwaho rumwe. Bamwe babona ko byabaye intandaro yo kwibohora kw'Abahutu bari barakandamijwe n'Abatutsi, bakemeza ko habaye impinduramatwara igamije imibereho myiza y'abatwaga. Uko ni ko abategetsi bo muri Repubulika ya mbere n'ya kabiri babibonaga, bakabyemeza mu nyandiko zinyuranye. Abandi bo babyita imvururu kuko ari ibihe byaranzwe

n'umubabaro, akarengane, kubura amajyo, ivangura rishingiye ku moko n'ubwicanyi. Iyo myumvire itandukanye n'ubu iracyariho. Igaragara mu nyandiko, mu mbwirwaruhame no mu biganirwa by'abaturage basanzwe. Ndetse no mu bashakashatsi, izo mpande zombi zirigaragaza. Uretse izi mpaka, hari ibibazo umuntu yakwibaza: Ni nde wabitangije? Yari agamije iki? Ni nde byagiriye akamaro? Nubwo ubushakashatsi kuri ibi bibazo bugikomeza, ikizwi ni uko ibyabaye bitagiriye akamaro Abanyarwanda bose muri rusange.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**

Abanyeshuri bazasoma ibitabo, batange ibitekerezeho kuri ibi bibazo babifashijwemo n'umwarimu.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*, NUR-NURC, p. 383.

Chretien J.P. (2000). *L'Afrique des Grands Lacs. Deux mille ans d'histoire*. Paris : Aubier.

Vidal C. (1991). *Sociologie des passions*. Paris: Karthala.

#### ***2.7.5 Ese Abanyarwanda barwaniriye ubwigenge cyangwa barabuhawe ?***

Abanyarwanda ntibafashe intwari ngo barwanirire ubwigenge, ariko barabuharanye binyuze mu mashyamba ya poritiki.

#### ***2.7.6 Kuki hari jenoside zemejwe n'Umuryango w'Abibumbye izindi ntizemezwe?***

Umuryango w'Abibumbye wemeje jenoside eshatu : iyakorewe Abayahudi (1939-1945), iyakorewe Abanyabosiniya (1995) n'iyakorewe Abatutsi (1994). Kugira ngo Umuryango w'Abibumbye wemeze ko ubwicanyi runaka ari jenoside, bikurikiranwa kandi bikemezwa n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi. Ako kanama kagendera ku Masezerano mpuzamahanga yo mu 1948 yo guhana no gukumira icyaha cya jenoside. Ariko igihugu gishobora gufata ubwicanyi bwakorewe ahantu runaka nk'aho ari jenoside nubwo Umuryango w'Abibumbye waba utarabyemeza.

### **Uburyo bwakoreshwa mu kwigisha**



Abanyeshuri basome inyandiko zivuga kuri jenocide zemejwe n'Umuryango w'Abibumbye, bungurane ibitekerezo ku byo bagezeho.

Umwarimu asobanurire abanyeshuri ko abantu bakunze gukoresha ijambo 'jenocide' mu buryo butari bwo bashaka kumvikanisha ikibazo cyabo.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Gasanabo, J.D; Simon, J.D & Ensign, M.M (Eds.). (2015). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

National Commission for the Fight against Genocide. (2014). *Rwanda 1994-2012: 18 years after the Genocide perpetrated against Tutsi. Testimonies and Reflections*. Kigali

## **2.8 UMWAKA WA GATANU W'AMASHURI YISUMBUYE**

### **AMATEKA**

#### **2.8.1 *Ababirigi baba baragize uruhare mu byagezweho n'ibitaragezweho na Repubulika ya mbere mu Rwanda?***

Yego. Bararugize kuko bari mu nzego zitandukanye za Leta zifataga ibyemezo, zikanashyira mu bikorwa gahunda za Leta. Barimo abaterankunga, abajyanama, inzobere, abajyanama mu bya gisirikare, ...

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC.

Kagame, A. (1972-1975). *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*. Butare: Éditions Universitaires du Rwanda.

Lefèvre, P. (2006). *Les militaires belges et le Rwanda: 1916-2006*. Bruxelles: Racines

Uvin, P. (1999). *L'aide complice ? Coopération internationale et violence au Rwanda*. Paris : L'Harmattan.

#### **2.8.2 *Kuki bavuga « Jenocide yakorewe Abatutsi » kandi hari n'Abahutu bapfuye ?***

Yitwa jenocide yakorewe Abatutsi kuko ari bo bahigwaga mu gihe Abahutu batahigwaga. Umwarimu yasobanurira abanyeshuri kurushaho ashingiye ku gisobanuro cya jenocide.

### ***2.8.3 Kuki inyito ya Jenocide yagiye ibinduka mu Rwanda?***

Ijambo « jenocide » ryari rishya mu mateka no mu rurimi rw’Ikinyarwanda ku buryo bitari byoroshye kubona inyito ikwiranye n’ubwicanyi bwabaye mu Rwanda. Bwabanje kwitwa « *Itsembabwoko n’itsembatsemba* », buza kwitwa « *Jenocide nyarwanda* » kugeza ubwo bwiswe *Jenocide yakorewe Abatutsi*. Ubushakashatsi bwagiye bukorwa bwagaragaje ko iryo zina rya nyuma ari ryo rikwiriye.

### ***2.8.4 Ese urupfu rwa Habyarimana rwaba ari rwo rwatumye Jenocide yakorewe Abatutsi iba?***

Urupfu rwa Habyarimana si rwo ntandaro ya jenocide yakorewe Abatutsi kuko na mbere y’uko apfa ubwicanyi bwari bwaratangiye mu turere tumwe na tumwe nka Kibirira (1991), Bigogwe (1991), Murambi (1991), Bugesera (1992), Kibuye (1993) n’ahandi. Urupfu rwa Habyarimana rwabaye urwitwazo rwo gukora jenocide. (Reba 2.5.6)

### ***2.8.5 Ni iyihe miyoboro ikoresha n’abapfobya cyangwa abahakana Jenocide yakorewe Abatutsi ?***

Abahakana n’abapfobya Jenocide yakorewe Abatutsi bakoresha ibitangazamakuru binyuranye, ibiganiro, amaraporo y’imiryango itabogamiye kuri Leta n’imiryango mpuzamahanga, inyandiko, ibitabo, ibiganiro mbwirwaruhame, indirimbo n’ibindi.

### **Inyandiko zakwifashishwa:**

*Law N° 84/2013 of 11/09/2013 on the Crime of Genocide Ideology and Other Related Offences,*  
pp. 32-44. Available at  
[http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HILaws/Law\\_RFMA.pdf](http://www.moh.gov.rw/fileadmin/templates/HILaws/Law_RFMA.pdf)

Bizimana, J.D. (2004). *Inzira ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali: Imprimu Ltd.

Gasabo, J.D; Simon, D. J & Ensign, M.M (Eds.). (2014). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

Hinton, A.L. & O'Neill K.L. (2009). *Genocide: Truth, Memory, and Representation*, Durhan and London: Duke University Press.

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n'ya kabiri 1959-1990*. Kigali: Les Editions Rwandaises.

Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*, Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

## **2.9 UMWAKA WA GATANDATU W'AMASHURI YISUMBUYE**

### **AMATEKA**

#### **2.9.1 *Ese Abatutsi ni bo Banyarwanda bonyine bari mu buhungiro?***

Oya. Hari abavuga ko Abatutsi ari bo bonyine bari barahunze. Abanyarwanda bari mu buhungiro barimo amoko yose kuko bari barahunze ku mpamvu zitandukanye.

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Byanafashe, D & Rutayisire, P. (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. NUR-NURC, 2011.

Kagame, A. (1972-1975). *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*. Butare : Éditions universitaires du Rwanda.

Kanyamachumbi, P. (1995). *Société, culture et pouvoir politique en Afrique interlacustre. Hutu et Tutsi de l'ancien Rwanda*. Kinshasa: Select

#### **2.9.2 *Ese intambara yo kwibohora (1990-1994) ni yo yateje jenocide yakorewe Abatutsi ?***

Oya. Intambara zose ntizitera jenocide, ariko intambara ishobora kuba urwitwazo rwo gukora jenocide. Intambara yo kwibohora yabaye mu Rwanda mu 1990-1994 ntabwo yari kuba impamvu yo gukora jenocide, kuko na mbere hose Abatutsi bicwaga kandi nta ntambara ihari.

#### **Inyandiko zakwifashishwa**

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubuliki ya mbere n'ya kabiri 1959-1990*, Kigali : Les Editions Rwandaises

Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*. Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

Ternon, Y. (2007). *Guerres et Génocide au XXe Siècle: Architecture de la violence de masse*, Paris, Odile Jacob

Straus, S. (2006). *The Order of Genocide: Race, Power and War in Rwanda*. New York: Cornell University Press

### **2.9.3 Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiye ryari irangira ryari?**

Ku itariki ya 6 Mata 1994, indege yari itwaye Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvénal na Perezida w'u Burundi Ntaryamira Cyprien yarahanuwe. Nyuma y'igihe gito, za bariyeri zashyizwe mu bice bimwe na bimwe by'igihugu, cyanecyane mu Muji wa Kigali, abantu batangira kwicwa. Itariki ya 7 Mata 1994 ari na ho kwibuka bitangira, ifatwa nk'itangira rya Jenocide yakorewe Abatutsi.

Ku birebana n'igihe jenocide yarangiriye, itariki yemejwe na Leta ni iya 4 Nyakanga 1994. Ariko umwarimu agomba kumenya neza ko itariki 31 Ukuboza 1994 ari yo tariki ivugwa n'Itegeko Ngenga N° 10/2007 ryo ku wa 01/03/2007 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko Ngenga No 16/2004 ryo ku wa 19/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenocide n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya 1 Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

### **Inyandiko zakwifashishwa**

Itegeko Ngenga N° 10/2007 ryo ku wa 01/03/2007  
[http://primature.gov.rw/fileadmin/user\\_upload/documents/Official%20Gazettes/2007%20Official%20Gazettes/Official Gazette no 05 of 01.03.2007.pdf](http://primature.gov.rw/fileadmin/user_upload/documents/Official%20Gazettes/2007%20Official%20Gazettes/Official Gazette no 05 of 01.03.2007.pdf)

Bizimana, J.D. (2014). *Inzira ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda*. Kigali: Imprimu Ltd.

Byanafashe, D. & P. Rutayisire (Eds.). (2011). *History of Rwanda from the beginning to the end of 20<sup>th</sup> Century*. Butare: NUR-NURC.

Gasanabo, J.D; D. J. Simon & M. M. Ensign (Eds.). (2014). *Confronting genocide in Rwanda: Dehumanization, denial, and strategies for prevention*. Bogota: Apidama Ediciones Ltd.

Hinton, A.L. & O'Neill K.L. (2009). *Genocide: Truth, Memory, and Representation*, Durhan and London: Duke University Press.

Mugesera, A. (2004). *Imibereho y'abatutsi kuri Repubulika ya mbere n'ya kabiri 1959-1990*, Kigali: Les Editions Rwandaises.

Mugesera, A. (2015). *The persecution of Tutsi (1959-1990)*. Kigali, 2<sup>nd</sup> edition.

**Urutonde rwabanditse iki gitabo:**

<b>NO</b>	<b>Izina</b>	<b>Aho akorera</b>	<b>Icyo akora</b>
1	Mr. Bamusananire Emmanuel	REB	Education Research and development Officer/Historian
2	Ms. Baranyizigiye Jeanne d'arc	REB	History Curriculum Officer/Historian
3	Mr. Gasinzigwa Gatare Peter	REB	Director of Arts and Humanities Unit/Historian
4	Ms. Mbabazi Annet Mugoboka	REB	History Examination Officer/Historian
5	Mr. Nkurunziza Mathew	REB	Editor and translation Officer
6	Mr. Rubanda Jean Francois	REB	Kinyarwanda Examination Officer
7	Dr. Gasanabo J. Damascene	CNLG	DG/Documentary and Research
8	Mr. Nizeyimana Innocent	Aegis Trust	Peace education facilitator
9	Dr. Buhigiro Jean Leonard	UR/Rukara	History lecturer
10	Professor Paul Rutayisire	UR/Huye	Professor/History lecturer
11	Mr. Rwandekwe Gilbert	UNIK	History lecturer
12	Dr. Gakwenzire Philbert	UNIK	History lecturer
13	Mr. Rudasingwa Faustin	College St. Andre	History teacher
14	Mr. Tumwesigye Allans	Gabiro High School	History teacher
15	Mr. Ndagijimana Prosper	TTC Byumba	History tutor
16	Mr. Kamuzinzi Johnson	Kigali Junior Academy	Headmaster/Social Studies

